

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI



INTEGANYANYIGISHO Y'UBUMENYI N'IKORANABUHANGA RICIRIRITSE
IGENEWE IKICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA

Kigali, 2015

**INTEGANYANYIGISHO Y'UBUMENYI N'IKORANABUHANGA RICIRIRITSE
IKICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA**

Kigali, 2015

© 2015 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Uburenganzira bw'umuhanzi:

Kwandukura ibiri muri iyi nteganyanyigisho cyangwa kuyifotora byemewe gusa igihe hagamijwe inyungu z'uburezi

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwiga, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) gishimishijwe no gushyira ahagaragara integanyanyigisho nshya izakoreshwa mu gihugu hose. Iyi nteganyanyigisho igamije gutanga uburezi buboneye kandi bufite ireme mu byiciro by'uburezi rusange mu mashuri yose y'u Rwanda. Poritiki y'uburezi mu Rwanda igamije guha urubyiruko mu byiciro byose by'uburezi amahirwe yose mu byerekeye ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bikwiriye kurutegurira kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango ndetse no guhabwa amahirwe yo kwihangira umurimo.

Kugira ngo hanozwe ireme ry'uburezi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu ivugurura ry'integanyanyigisho ku buryo imyigire n'imyigishirize ndetse n'isuzuma bigira uruhare rugaragara mu kurema Umunyarwanda igihugu gikeneye. Mu rwego rwo kubaka umuryango ushingiyeye ku bushobozi, byabaye ngombwa ko hakorwa integanyanyigisho ishingiyeye ku guha abiga ubushobozi bukenewe kugira ngo bashobore gupigana ku isoko ry'umurimo haba mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho, abanyeshuri bazagira uruhare rugaragara mu myigire bityo bagire ubushobozi butuma bashobora guhuza ibyo bize n'ubuzima bwa buri muni. Ibi bizatuma bo ubwabo bigirira akamaro kandi banateze igihugu cyabo imbere.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa n'abaterankunga bagize uruhare mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho kuva igikorwa gitangira kugeza kirangiye. Tuboneyeho kandi gusaba abazakoresha iyi nteganyanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kubanogera.

GASANA I. Janvier

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyanyigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Harashimirwa kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye na kaminuza bitanze batiziganye kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore kujya ahagaragara.

Ndashimira imiryango nterankunga mu burezi nka UNICEF, UNFPA, DFID, AFR kubera inkunga mu rwego rw'imari na tekiniki batanze mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Ndashimira kandi uruhare rw'abafatanyabikorwa mu burezi nk' Itorero ry'Igihugu, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, CNLG, GMO, RBS, REMA, WDA, MINECOFIN, AEGIS Trust, Handicap International, Wellspring Foundation, Right to Play, MEDISAR, EDC/L3, EDC/Akazi Kanoze, Save the Children n'Imiryango ishingiyeye ku kwemera mu iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Byongeye kandi ndashimira impuguke mpuzamahanga ndetse n'iz'Abanyarwanda bitanze kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gutegurwa no kwandikwa. Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese mu bitabiriye iki gikorwa.

Dr. MUSABE Joyce

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

Ikigo Gishinzwe guteza imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Dr. MUSABE Joyce, Umuyobozi w'Ishami ry'integanyanyigisho n'Imfashanyigisho

RUTAKAMIZE Joseph, Umuyobozi w'agashami ka siyansi

HABARUREMA Aaron, Umuteganyanyigisho w' Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse

NIRANDAGIJIMANA Anathalie, Ushinzwe ireme ry'integanyanyigisho n'imfashanyigisho

NZEYIMANA J.Claude, Umugenzuzi mu karere ka Gicumbi

KANIZIYO Caritas, Ushinzwe amahugurwa mu mushinga OLPC

Abarimu

Dr. SEBAGANWA Alphonse, Umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda, Koleji Nderabarezi Kigali -Gasabo

Dr. MUGABO Léon, Umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda, koleji nderabarezi Kigali -Gasabo

UWIZEYIMANA Scholastique, Umwarimu w'ubumenyi Ikoranabuhanga Riciriritse mu ishuri Elena Guerra, Huye

MUKANDEKEZI Pscasie, Umwarimu w'ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse mu ishuri rya GS Remera Protestant

KAMANZI Didace, Umwarimu w'ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse mu ishuri rya St Ignace, Kigali city- Gasabo

NKWANGA Joseph, Umwarimu w'ubumenyi Ikoranabuhanga Riciriritse mu ishuri rya la colombière Kigali city- Gasabo

Abandi bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho

DEBBRE GACHUHI, Umuryango w'Abibumbye ushinzwe guteza imbere abaturage (UNFPA)

NSANZIMANA Djuma,Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije(REMA)

ISHIMO Yvette, Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije (REMA)

BIZIMANA Adeodatus, Right To play

MUJYAMBERE Gaspard, Right To play

Abanonyoye integanyanyigisho

Dr. MUTANGANA Dieudonné, Umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda, Koleji ya KIST

MUKANGARAMBE Judith, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ubumenyi Ngiro, WDA

Ishakiro

IJAMBO RY'IBANZE.....	iii
GUSHIMIRA	iv
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	v
1.1. <i>Imvano y'ivugururwa ry'integanyanyigisho.....</i>	1
1.2 <i>Impamvu zo kwiga no kwigisha Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse</i>	2
1.2.1 Akamaro k' Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse ku muryango nyarwanda	2
1.2.2 Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse n'abanyeshuri	3
1.2.3 Ubushobozi	3
2. UBURYO BWO KWIGISHA/IMBONEZAMASOMO.....	6
2.1 <i>Uruhare rw'umunyeshuri.....</i>	7
2.2 <i>Uruhare rwa mwarimu</i>	8
2.3 <i>Uburezi bw'abafite ibyo bagenerwa byihariye , imyigire n'imyigishirize idaheza.....</i>	9
3. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA.....	9
3.1. <i>Ubwoko bw'isuzuma</i>	10
3.2. <i>Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma.....</i>	11
3.3. <i>Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya.....</i>	12
3.4. <i>Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma</i>	14
4. IBIKENEWE MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	14
4.1. <i>Imfashanyisho.....</i>	14
4.2. <i>Abarimu.....</i>	15

5. IMITWE IGIZE IYI NTEGANYANYIGISHO	15
5.1 Imiterere y'integanyanyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse	15
5.2 Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse umwaka wa mbere	16
5.3 Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa kabiri	32
5.4 Ubumenyi' n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa gatatu	45
6. IBITABO BYIFASHISHIJE	60
7. UMUGEREKA	61
Imbonerahamwe y' inyigisho zo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.....	61

1. INTANGIRIRO

1.1. Imvano y'ivugururwa ry'integanyanyigisho

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi mu Rwanda, hagendewe ku byo Abanyarwanda bakeneye mu ruhando mpuzamahanga, habayeho ivugururwa ry'Integanyanyigisho, rishingiye ku ntego n'ubushobozi by'umunyeshuri, aho kuba rishingiye ku bumenyi umunyeshuri yasabwaga kugira mu nteganyanyigisho zabanje.

Ni muri urwo rwego integanyanyigisho y'isomo ry' Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse ryigishwaga mu mashuri abanza yavuguruwe, hagenderewe ku byo buri munyeshuri akeneye, hibandwa ku myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri. Muri iri vugururwa kandi Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse/ isomo risanze mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza gusa, ryongerewemo inyigisho y'Ikoranabuhanga mu Isakazabumenyi (ICT). Hanateguwe kandi mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza ibyigwa muri iyi nyigisho , aho izajya yigishwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri izajyana n'uburyo bushya bwo kugenzura ibyizwe, gutanga amanota no gukora indangamanota y'umunyeshuri. Ubu buryo kandi butandukanye n'ubusanzwe, kuko hazibandwa ku bumenyi umunyeshuri asanganywe, ubumenyi ngiro n'ubukesha agenda abona biturutse ku myigire.

Integanyanyigisho ivuguruye igizwe n'ibintu bitatu by'ingenzi ari byo ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bituma uwiga ashobora kugira icyo yigezaho kandi agashobora no kugirira umuryango akamaro muri rusange.

Usibye iriburiro ryerekana impamvu y'ivugururwa ry'integanyanyigisho, impamvu n'intego byo kwigisha inyigisho y'ubumenyi n'ikoranabuhanga Riciriritse uburyo bwo kuyigisha ndetse n'isuzumabumenyi ryayo, iyi nteganyanyigisho ivuguruwe yubatswe ku buryo buri mbumbanyigisho muri buri mwaka igabanyijemo ibice bisobanura neza ibikurikira:

- Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe nyuma yo kwigisha umutwe;
- Intego z’imyigire zirimo ubwoko butatu ari bwo: ubumenyi, ubumenyi ngiro n’ubukesha;
- Ibigomba kwigwa;
- Ibikorwa by’umunyeshuri mu isomo.

Iyi nteganyanyigisho ivuguruye irangira igaragaza urutonde rw’ibitabo byifashishijwe mu kuyandika ndetse nuko amasomo ateganyijwe muri buri cyumweru mu mashuri abanza.

1.2 Impamvu zo kwiga no kwigisha Ubumenyi n’ Ikoranabuhanga Riciriritse

1.2.1 Akamaro k’ Ubumenyi n’Ikoranabuhanga Riciriritse ku muryango nyarwanda

Ubumenyi bw’ibanze kubana bato ni umusingi wo gutuma bazashobora kwiga ubumenyi mu bihe biri imbere no kubategura guhangana n’ibikenewe mu kinyejana cya 21. Naho ikoranabuhanga mu isakazabumenyi rifite akamaro haba mu bihugu byateye imbere ndetse no mu bihugu bikiri mu nzira y’amajyambere nk’u Rwanda. Gukunda ubumenyi n’ikoranabuhanga bitangirira mu mashuri abanza aho abana baba bafite amatsiko menshi banashishikajwe no kwiga. Kwita ku bumenyi n’ ikoranabuhanga Riciriritse mu mashuri abanza byerekana akamaro k’ubumenyi n’ikoranabuhanga mu bice binyuranye by’ubuzima bwa buri muni, ku kazi, ishuri ndetse no mu miryango dutuyemo.

Ubumenyi n’ ikoranabuhanga Riciriritse ni intangiriro ishoboza abana gukurikirana amasomo y’ubumenyi mu mashuri abanza n’ayisumbuye, bakagira ubukesha mu byerekeye ubumenyi no gukora nk’abanyabumenyi. Bibafasha kandi kumenya akamaro k’ubumenyi n’ikoranabuhanga mu buzima bwa buri muni, bakabasha guharanira ubushobozi bufitiye umuryango akamaro muri rusange.

1.2.2 Ubumenyi n’ Ikoranabuhanga Riciriritse n’abanyeshuri

Abana bagomba gutegurwa bakiri bato kuba abanyagihugu beza, ni muri urwo rwego ubumenyi n’ ikoranabuhanga Riciriritse bishishikajwe n’uko abana biyumvisha uburyo bwo gukoresha Ubumenyi n’Ikoranabuhanga Riciriritse mubice bitandukanye, haba mu mucu, ubukungu, poritiki, ibidukikije no mu mibanire isanzwe. Mu kwiga no kwigisha bumenyi n’Ikoranabuhanga Riciriritse bigomba gushingira ku bikorwa abanyeshuri bakora ari na byo bizatuma babasha kugera ku ntego zigambiriwe, kumenya ikoranabuhanga no gutsinda neza isuzuma.

1.2.3 Ubushobozi

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n’uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n’ubukesha biyanye n’ibyo wize. Poritiki z’igihugu zishingiye ku byo igihugu gikeneye zerekana ubushobozi bw’ibanze n’ubushobozi nsanganyamasomo bishingirwaho mu kubaka imitekerereze yimbitse. Muri iyi nteganyanyigisho ubushobozi bw’ibanze bugaragarira mu bushobozi bugamijwe muri buri mutwe, muri buri mwaka ndetse no mu kiciro. Ibikorwa by’umunyeshuri bigomba gushingira ku byo ashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe yiga cyangwa arangije umutwe w’amasomo runaka.

❖ Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariwe n’inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi bw’ingenzi mu myigire n’imyigishirize abarimu bagomba kwitaho busobanuye ku buryo bukurikira:

Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: kunguka ubu bumenyi ngiro bizafasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima busanzwe.

Guhanga udushya: kunguka ubu bumenyi ngiro bizafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku bumenyi yize maze agahanga ibitekerezo bishya kandi akubaka n’ubumenyi butari busanzweho.

Ubushakashatsi: Ibi bizafasha umunyeshuri kubonera ibisubizo ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

Gusabana : Abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo. Ibi bizabafasha gusabana n’abandi, gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo iboneye n’amagambo akwiye.

Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi n’ubumenyi ngiro mu buzima busanzwe: ibi bizafasha abanyeshuri gukorana n’abandi mu matsinda mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n’imyitwarire n’indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n’imyitwarire binyuranye n’ibyabo. Bizafasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n’ubw’umuryango bita ku isuku n’imirire iboneye kandi na none batanga ibisubizo bishya ku ngorane bahura na zo mu buzima.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: kunguka ubu bumenyi ngiro bizafasha abanyeshuri gushyira ku gihe ubumenyi n’ubumenyi ngiro bize batarinze gufashwa muri byose kandi bakajyana n’iterambere ry’ubumenyi bugezweho kugira ngo bunguke ubumenyi mu nzego zikenewe kunozwa no kubakwa.

❖ **Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y’ Ubumenyi n’ ikoranabuhanga Riciriritse**

Intego nyamukuru yo kwigisha ubumenyi n' ikoranabuhanga Riciriritse mu mashuri abanza ni uguteza imbere ubumenyi bw'ibanze n' ikoranabuhanga. Igihe bazaba barangiza ikicro cya mbere cy'amashuri abanza, abanyeshuri bagomba kuba bafite ubushobozi bukurikira:

- Gukora ibikinisho, ibikoresho by'ibanze n'imfashanyigisho;
- Gukoresha ibikoresho byo ku ishuri, mu rugo no kubifata neza;
- Gukoresha ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga n'isakazabumenyi;
- Kugira isuku y'umubiri ndetse n'iy'ahadukikije;
- Kwita ku bidukikije no kubibungabunga.

❖ Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse no kwimakaza ubushobozi bugamijwe

Poritiki y'igihugu mu kwigisha ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse mu kicro cya mbere cy'amashuri abanza ni ukumenyereza umwana akiri muto uburyo bwo gutekereza, gushakashaka no gukorera mu matsinda. Gutuma abana bamenya ko nabo bafite uruhare mu buzima busanzwe ndetse no kumenya akamaro k'ubumenyi mu gusigasira ubuzima.

Gutuma abana bamenya gukemura ibibazo bahura na byo mu buzima bwa buri muni, bagatekereza ku bidukikije, bakagirira isuku imibiri yabo ndetse n' ahabakikije.

Gufasha abana kumenya akamaro k'ikoranabuhanga ku iterambere ry'umuryango no kumenya ko ubumenyi ngiro bukenewe muri iki gihe cy'ikoranabuhanga.

2. UBURYO BWO KWIGISHA/IMBONEZAMASOMO

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo, badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Gukorera mu matsinda bifite akamaro ariko ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri, umwarimu agakurikirana uko mu matsinda buri munyeshuri yitabira umukoro amushishikariza gutekereza, kwitegereza, gukora no gusangiza abandi ibitekerezo.

Kwigisha Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse bigomba kujyana n' ivumburamatsiko rishingiye ku munyeshuri ari nabwo buryo buteza imbere kwigisha bishingiye ku bushakashatsi bikazagenderwaho mu gushyira mu bikorwa iyi nteganyanyigisho ivuguruye.

Kera kwigisha ubumenyi byakorwaga umwarimu ariwe ufite ijamba aho wasangaga yarabwiraga abana ibyo gukora, abanyeshuri ugasanga ari abo kwakira ubumenyi bahawe gusa. Muri iyi nteganyanyigisho ivuguruye, abanyeshuri ni bo bafite uruhare runini aho basabwa kwiyubakira ubwenge, gutegura ubushakashatsi, gukora ubushakashatsi bwabo no kugaragaza ibyabuvuyemo. By'umwihariko, igihe hari gukorwa ubushakashatsi, abanyeshuri bazasobanura ibikoreshwa n'ibikorwa, babaze ibibazo, bagerageze gushakisha ibisubizo by'ibyo bibazo, bagerageze gushyira mu bikorwa ibyo bisobanuro batanze bashingiyeye ku bumenyi buzwi no gusangira ibitekerezo.

Igihe abanyeshuri biga bakora bizatuma bagira igikorwa cyo kwigisha icyabo, nyamara ariko uruhare rwa mwarimu ruzaguma rukenewe.

2.1 Uruhare rw'umunyeshuri

Ibikorwa by'abanyeshuri bigomba kugaragazwa muri buri mutwe, bigaragaza neza ibyo abanyeshuri bazaba bakora mu gihe cyo kwiga. Nubwo abanyeshuri batabasha kugira uruhare rungana muri buri somu ry' Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse mu byiciro byose, abanyeshuri bagomba kugira uruhare mu bikorwa bikurikira:

- Kwitegereza, byaba ngombwa abanyeshuri bagakora imfashanyigisho zifatika;
- Gukurikirana ibibazo abanyeshuri bagaragaje ko bafite kabone n'ubwo byaba byazanywe na mwarimu;
- Kugira uruhare mu gupanga ubushakashatsi hitawe ku bisubizo bitegerejwe kuri ubwo bushakashatsi;
- Guteza imbere ubumenyi ngiro bwo kwegeranya ibintu nyuma yo kwitegereza, gupima cyangwa bivuye ahandi hantu hakoreshejwe;
- Gukoresha no guteza imbere ubumenyi ngiro bwo gutunganya no gusesengura ibintu, gutekereza, kugerageza gutanga ibisobanuro hashingiwe ku byo batekereza cyangwa bagezeho.
- Gukorera hamwe n'abandi banyeshuri, gutangaza ibitekerezo byabo no guha agaciro ibitekerezo by'abandi;
- Kwisobanura bakoresheje inyito nyazo zikoreshwa mu bumenyi n'ibimenyetso bikoreshwa igihe cyo kwandika no gukora ibikorwa bitandukanye;
- Kugira uruhare mu biganiriro bya rusange igihe basobanura ibyo baba bakoze;
- Gukoresha ibyo bize mu buzima busanzwe;
- Kugira ubushobozi bwo kuba banenga ibyavuye mu bushakashatsi bakoze.

Muri uru rwego, abanyeshuri ntabwo bazagira ubumenyi bushingiye ku byigwa gusa, ahubwo bazagira ubumenyi ngiro burimo nko kumenya uko bakemura ikibazo, kumenya aho bakura ibyo bakeneye, gutegura no gukora ubushakashatsi bushingiye ku igerageza,

gusuzuma no gusesengura ibintu, ariko icy'ingenzi kurushaho ni ukumenya niba babashije kugera ku gisubizo cy'ikibazo bari bafite (Marsha, 2000).

2.2 Uruhare rwa mwarimu

Aho kuba umunyabwenge uri imbere y'abanyeshuri, azaba ari umuyobozi wo ku ruhande aho azaba ashinzwe kuyobora abanyeshuri mu buryo butandukanye:

- Gushishikariza no kwemera gufata iyambere kw'abanyeshuri;
- Gukoresha inyito nko gushyira mu matsinda, gusesengura, guteganya, no guhanga igihe cyo gukora ubushakashatsi;
- Kureka ibisubizo by'abanyeshuri bikaba aribyo biyobora isomo, bikavanwamo uburyo bwo gukora no kuba byahindurwa ibyigwa;
- Kubanza kugira imyumvire y'uko abanyeshuri bumva ibintu mbere yo kubabwira uko we abyumva;
- Gushishikariza abanyeshuri kwitabira ibiganiro hagati yabo na mwarimu ndetse no hagati y'abanyeshuri ubwabo;
- Gushishikariza abanyeshuri gushakashaka babaza ibibazo ndetse no kubazanya ibibazo hagati yabo;
- Kugerageza guha umurongo ibisubizo by'abanyeshuri;
- Gutuma abanyeshuri bagira uruhare mu kuganira amagerageza avuguruzanya n'ibisubizo batanze mbere;
- Guha umwanya abanyeshuri wo gushakisha isano iri hagati y'ibyo baba bari kuganiraho;
- Guteza imbere amatsiko y'abanyeshuri.

2.3 Uburezi bw'abafite ibyo bagenerwa byihariye , imyigire n'imyigishirize idaheza.

Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana ku burezi. Ni muri urwo rwego ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho rigomba kuzita ku burezi budaheza bita ku banyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye. Ikibazo kigaragara ni uko mu banyeshuri habamo abafite imibereho itandukanye n'iy'abandi bitewe n'ibibazo by'imikorere y'ingingo z'umubiri, iby'imikorere y'ubwonko cyangwa iby'ukuntu bagaragaza imbamutima zabo. Abo bose bagomba kwitabwaho by'umwihariko mu myigire yabo.

Uruhare rw'ishuri n'urw'umwarimu ni urwo gushaka uburyo bukwiye bwo gufasha abo bana hitabwa ku bibazo bafite kugira ngo na bo bakurikire amasomo nk'abandi nta mbogamizi. Bityo bagashakirwa imyitozo, ibikoreho n'imfashanyigisho byihariye mu gihe biga no mu gihe bakora isuzuma. Inyoborabarezi ireba buri kiciro cy'abafite ubumuga zarateganyijwe mu rwego rwo gufasha abarimu kunoza imyigishirize.

3. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA

Isuzuma ni ikurikirana ry'imyigire y'umunyeshuri hakusanywa ibimenyetso bijyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yageze hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iyi nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, isuzuma na ryo rigomba gushingira ku bushobozi, aho umunyeshuri ashobora gukora umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri muni ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Isuzuma riteganyijwe ku buryo bukurikira: hari isuzuma rikorerwa mu ishuri, ku rwego rw'ikigo n'urw'Akarere. Hari kandi isuzuma ryo kureba ibyagezweho mu myigire mu mashuri yo mu Rwanda ndetse n'ibizamini bya Leta.

3.1. Ubwoko bw'isuzuma

3.1.1. Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye busanzwe bukoreshwa n'amashuri mu gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya) abanyeshuri bategerejwe kugeraho. Mu gusoza umutwe, umwarimu asuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe ahereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiro y'umutwe. Umwarimu azasuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha bumwe cyangwa impurirane y'uburyo bukurikira:(a) kwitegereza, (b) ibibazo basubiza bandika , (c) ibibazo basubiza bavuga.

3.1.2. Isuzuma rikomatanya

Igihe isuzuma rikozwe rigamije gusoza igihembwe, umwaka cyangwa ikiciro no gufata ikemezo cyo gukomeza, ryitwa isuzuma rikomatanya. Isuzuma rikomatanya rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye. Intego y'ibanze y'isuzuma rikomatanya ni ugusuzuma niba ubushobozi bugamijwe bwaragezweho. Ibivuye mu isuzuma rikomatanya bishingirwaho mu gufata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri nko kwimurirwa mu kiciro gikurikira cyangwa guhabwa impamyabushobozi. Iri suzuma rigomba gukomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.

Iri suzuma rishobora gukorerwa ku rwego rw'ikigo k'ishuri, akarere cyangwa ku rwego rw'igihugu. Ku rwego rw'ishuri iri suzuma rikorwa rimwe mu gihembwe ndetse n'iyi umwaka urangiye. Uturere tuzahabwa ubushobozi bwo gukomeza gufata iya mbere mu gukoresha isuzuma rikomatanya mu mashuri yose mu gukurikirana imyigire ndetse n'intera abanyeshuri bagezeho mu mashuri yabo.

3.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma ni ugukusanya ibigaragaraza ko isuzuma ryakozwe no kubiha agaciro hagendewe ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa cyangwa hakoreshejwe ibindi bipimo, bikabikwa neza ku buryo hagaragazwa intambwe igenda iterwa mu myigire. Ibi bigira uruhare mu gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye bituma inyigisho zumvikana kurushaho. Ibyavuye mu isuzuma kandi bishingirwaho n'umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri n'ababyeyi.

Ubu buryo bujyanye no kubika mu idosiye imwe (mu nyandiko cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga) amasuzuma yose y'umunyeshuri ndetse n'ibyavuyemo ugaragaza aho umunyeshuri afite intege nke cyangwa adafite ibibazo mu myigire ye. Kubika mu idosiye imwe

inyandiko igaragaza amasuzuma umunyeshuri yakoze, ntabwo ari ukubika gusa impapuro z'amasuzuma yakozwe (impapuro n'imikoro), ahubwo ni no kubika inyandiko z'imyitoto yose umunyeshuri akora ijyanye n'imyigire ye. Ibyavuye mu isuzuma ni byo bizagaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza.

3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya

Mbere yo kwandika ibibazo by'isuzuma, ni ngombwa gukora imbonerahamwe y'ibigomba kubazwaho herekanwa:

- Imitwe cyangwa inyigisho byibandwaho mu isuzuma;
- Umubare w'ibibazo hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bloom,
- Amanota agenewe buri kibazo.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bloom bigomba guhabwa umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye cyane cyane n'ubumenyi.

Mbere yo kwandika ibibazo, ubyandika agomba kureba neza ko ibibazo by'isuzuma bijyanye n'isuzuma rishingiye ku bushobozi hitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kugena inyigisho yibandaho ahereye ku byo integanyanyigisho iteganya;
- Kugaragaza ingingo z'ibyigwa zishingirwaho mu isuzuma;
- Kugena intego zigamijwe zigomba gusuzumwa;
- Gukora imbonerahamwe igaragaza ibigenderwaho by'ingezi mu isuzuma;
- Kugenzura ko inshinga zakoreshejwe mu kwandika ibibazo zidasaba gusubiza ibibazo basubiramo ijambo ku ijambo ibyo bize gusa, ko ahubwo n'ubushobozi rusange buri mu nteganyanyigisho kwasuzumwe.

Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu nyigisho y' Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse

Isuzuma ry'inyigisho y'ubumenyi n' ikoranabuhanga Riciriritse rigizwe n'ibice 2 by'ingenzi:

- Igice cya mbere : Isuzuma ripima ibyo uwiga yamenye ndetse anasobanura neza. Iki gice gihwanye na 50% by'isuzuma ryose ry'iyi nteganyanyigisho.
- Igice cya 2:Isuzuma ripima ubumenyi ngiro n'ubukesha by'uwigira. Iki gice gihwanye na 50% by'isuzuma ryose ry'iyi nteganyanyigisho.

Iri suzuma riha agaciro ibi bikurikira:

- Gutandukanya no gukoresha ibikoresho byo ku ishuri no mu rugo;
- Gukora ibikinisho, ibikoresho by'ibanze n'imfashanyigisho;
- Gutandukanya, gukoresha no gufata neza ibikoresho by'ibanze bijyanye n' ikoranabuhanga mu isakazabumenyi;
- Kumenya no kubungabunga ibidukikije;
- Isuku y'umubiri niy'ahadukikije.

Mu nyigisho y'Ubumenyi n'ikoranabuhanga Riciriritse, imyinshi mu myitozo y'isuzuma igomba gufasha abanyeshuri kugira amatsiko, kwitegereza, gutekereza no gukora hifashishijwe kenshi na kenshi ikoranabuhanga.

Buri ntego igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu nyigisho (imikoro, amarushanwa,, ibizami....).

3.4. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma

Integanyanyigisho y'ubumenyi n' ikoranabuhanga Riciriritse iteganya ko ababyeyi bahabwa raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo. Ntabwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bigamijwe mu ntego z'amasomo. icyafasha cyane ni ukwerekana aho abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga.

4. IBIKENEWE MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

4.1.Imfashanyisho

Kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho y'Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse rigerweho hazakenerwa imfashanyigisho zinyuranye harimo n'izitegurwa na mwarimu. Bimwe mu bikoreshwa by'ibanze twavuga ibi bikurikira:

- Inyubako z'amashuri n'ibijyanye nazo;
- *Ibikoresho bya Siyansi (Kit Science)*;
- Ibitabo by'umunyeshuri, amakarita/ibishushanyo,
- Ibitabo by'umwarimu, ibinyamakuru,
- ibikoresho by'ikoranabuhanga n'ibijyanye na ryo.

4.2. Abarimu

Kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho y'Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse rigerweho bisaba abarimu bafite ubushobozi n'uburambe kandi bahuguwe bihagije mu bumenyi bwo kwigisha ndetse n'ibikoresho byabugenewe. Ubu buryo bushya bwo kwigisha bushingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri buzasaba amahugurwa y'abarimu ndetse n'abayobozi b'ibigo by'amashuri ku mikoreshereze y'iyi nteganyanyigisho. Birasaba by'umwihariko umurezi kwiremamo ubushobozi bwo guhanga no kwifashisha ibikoreshwa bimukikije mu gutegura ubwe zimwe na zimwe mu mfashanyigisho zikenerwa muri iri somo.

5. IMITWE IGIZE IYI NTEGANYANYIGISHO

5.1 Imiterere y'integanyanyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse

Ibyigwa mu nyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza bikubiye mu mbumbanyigisho eshanu: Ikoranabuhanga Riciriritse, Ibidukikije, Ikoranabuhanga mu isakazabumenyi, Umubiri w'umuntu n'Ingufu. Umwaka wa mbere ugizwe n'imitwe icyenda, umwaka wa kabiri imitwe umunani naho umwaka wa gatatu imitwe icumi. Buri mbumbanyigisho igizwe n'imitwe itandukanye.

Buri mutwe ugizwe n'ibi bikurikira:

- Umutwe ugaragaza umubare w'amasomo;
- Buri mutwe ugaragaza ubushobozi bw'ibanze bugamijwe kugerwaho n'imikoro ifasha umunyeshuri mu myigire kandi ayoborwa mo na mwarimu;

- Kugira ngo ubwo bushobozi bugerweho, hari intego z’ubumenyi, z’ubumenyi ngiro n’iz’ubukesha bifasha umwarimu mu gutegura no gutanga isomo rye;
- Buri mutwe ugaragaza ibyigwa umunyeshuri agomba kwiga ayobowe na mwarimu;
- Buri mutwe kandi ugaragaza imikoro y’umunyeshuri imufasha gutegura no kugera ku byigwa hagendewe ku ntego iteganyijwe.
- Hateganywa kandi kuri buri mutwe ihuriro ry’ibyigwa biwukubiyemo n’andi masomo / inyigisho ndetse n’imfashanyigisho umwarimu yakwifashisha kugira ngo abashe gutanga isomo rye ku buryo buboneye.

5.2 Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse umwaka wa mbere

5.2.1 Ubushobozi bw’ibanze bugamijwe mu mwaka wa mbere

Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere w’amashuri abanza yagombye kugaragaza ubushobozi bukurikira:

- Gutandukanya hashingiwe ku mumaro ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri no kubifata neza;
- Gukora ibikinisho (umupira wo gukina, amadarubindi, agakarito budege, imodoka agakinisho kaguruka budege ,inka n’umuntu) no kubifata neza;
- Gutandukanya mu buzima busanzwe akamaro ka terefoniterefone, radiyo na tereviziyotereviziyo (ibikoresho by’ibanze mu ikoranabuhanga)
- Gukoresha neza ibidukikije mu buzima bwa buri muni

- Kugirira isuku umubiri we n'uw'abandi

5.2.2 Imbonerahamwe y'imitwe

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga Riciriritse				
Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa mbere			Umutwe 1: Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo	Umubare w' amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:Gushobora gusobanura umumaro w'ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo no kubisukura.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Kurondora ibikoresho bikenerwa kenshi ku ishuri -Kwerekana ibice bigize ibikoresho byo mu rugo bitandukanye -Kurondora ibikoresho bikenerwa mu gusukura ibikoresho byo mu rugo -Gusobanura umumaro w'ibikoresho bitandukanye byo mu rugo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibikoresho bikenerwa kenshi ku ishuri hakurikijwe umumaro wabyo - Gusukura ibikoresho bitandukanye byo ku ishuri -Gutandukanya / kuvangura ibikoresho byo mu rugo ashingiye ku mumaro wabyo - Gusukura ibikoresho 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufata neza ibikoresho bitandukanye byo ku ishuri -Kwandurura no kubika ibikoresho bitandukanye byo ku ishuri -Gufata neza ibikoresho bitandukanye byo mu rugo -Kwandurura no kubika ibikoresho bitandukanye byo mu rugo 	<p>Ibikoresho byo ku ishuri n'umumaro wabyo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ibikoresho byo kwandikaho - Ibikoresho byo kwandikamo - Ibikoresho byo kwandikisha no gushushanyisha - Ibikoresho byo kubikamo - Ibikoresho byo gusukura - Ibikoresho byo kwigiramo - Ibikoresho byo kumenyesha igihe <p>Isukurwa ry'ibikoresho byo ku ishuri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Koza, guhanagura, gufunika, guconganga (ikaramu y'igiti) <p>Ibikoresho byo mu rugo n'umumaro wabyo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ibikoresho byo mu gikoni no kuriraho - Ibikoresho byo gusukura - Ibikoresho byo guhinga 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza/gukorakora ibikoresho bitandukanye bikoreshwa ku ishuri - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura amazina n'umumaro w'ibikoresho biboneka ku ishuri - Gusukura ibikoresho bitandukanye byo ku ishuri - Kwitegereza/gukorakora ibikoresho bitandukanye bikoreshwa mu rugo - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura amazina n'umumaro w'ibikoresho biboneka mu rugo

	bitandukanye byo mu rugo		- Ibikoresho byo kubikamo/ho - Ibindi bikoresho Isukurwa ry'ibikoresho byo mu rugo	- Gusukura ibikoresho bitandukanye byo mu rugo
Ihuriro n'andi masomo: Imbonezamubano, P1: Umudugudu wacu; Isuku yo mu rugo n'iyi mu mudugudu; Isuku y'umubiri n'iy'imyambaro;				
Ibipimo by'isuzuma: Ubusobanuro ku mumaro w'ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo n' isuku yabyo.				
Imfashanyigisho: ikaramu, itushi, ikaramu y'igiti, ikaramu y'igiti y'ibara, ingwa, ingwa y'ibara, uburoso bwo gushushanyisha n'irangi, urupapuro, urubaho, akabati, ububiko bw'ameza, igihanaguzo, amazi, ibifuniko by'amakaye, ibitabo, intebe, imfashanyigisho, ameza. amasahani, inkono, amasafuriya, amakanya, ibikombe, ibisorori, isekuru, ikaneti, urwuhu, umweyo, igitebo, umukoropesho, udutambaro tw'isuku, isuka, inshyamuro, macaku, ingorofani, akabati, ububiko bw'ameza, inkangara, ibyibo, umuhoro, imyambaro, icyuma, ipasi, umuhoro				

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga Riciriritse				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa mbere		Umutwe 2: Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'imfashanyigisho		Umubare w' amasomo:10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:Gushobora gukora ibikinisho binyuranye				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibikoresho hakurikijwe umumaro mu gukora ibikinisho n'imfashanyigisho binyuranye - Kumenya gusobanura uko inka n'umuntu bibumbwa - Kumenya gusobanura uko agakinisho kaguruka budege gakorwa mu mashashi, uduti n'urudodo 	<p>Gukora ibikinisho bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Agakarito n' indege - Umupira wo gukina - Amadarubindi - Imodoka - Kubumba inka n'umuntu hifashishijwe ibumba - Gukora agakinisho kaguruka budege mu mashashi, uduti n'urudodo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha nta kwikomeretsa ibikoresho bishobora gukomeretsa (urwembe, umukasi n'ibikenyeri) - Kugira amatsiko n'ubushake bwo kwikorera ibikinisho aho kubigura - Guha agaciro ibikinisho n'imfashanyigisho byakozwe, bikabikwa neza 	<p>Ibishobora gukorwa:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Mu mpapuro: agakarito n' indege - Mu birere: umupira wo gukina - Mu bikenyeri : amadarubindi - Mu bikarito, udufuniko tw'amacupa n'uduti: imodoka - Muri parasitike (amashashi), uduti n'urudodo: agakinisho kaguruka budege. - Mu ibumba: inka, umuntu. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwegeranya ibikenewe no gukora agakarito n' indege, kubanga umupira wo gukina , Gukora amadarubindi , Gukora imodoka ,agakinisho kaguruka budege no Kubumba inka n' umuntu - Gukina umukino ukurikira: Gushorera umupira
Ihuriro n'andi masomo: Igororangingo,imbonezamubano: ibidukikije, ubugeni				

Ibipimo by'isuzuma: ibikinisho n'imfashanyigisho byakozwe (agakarito, indege, umupira wo gukina, amadarubindi n'Imodoka),

Imfashanyigisho: Umukasi, urwembe, impapuro, ibirere, ibikarito, ibikenyeri, uduti, udufuniko tw'amacupa, agapapuro gafatanya izindi (papier collant) , ibumba, amazi, amashashi n'urudodo

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga Riciriritse				
Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa mbere		Umutwe 3: Ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga		Umubare w' amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kurondora ibikoresho byinjiza cyangwa bisohora amajwi n'amashusho n'ibyandika no gukoresha terefoni,radiyo na tereviziyo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga - Gutandukanya ibikoresho bikoreshwa mu kwinjiza n'ikoreshwa mu kurangurura amajwi - Gutandukanya ibikoresho bikoreshwa mu kurangurura amajwi n'ibikoreshwa mu amashusho - Gusobanura akamaro k' ibikoresho ndangururamajwi na nsakazamashusho. - Gusobanura ibikoresho by'itumanaho, ibifata amashusho n'amajwi. Kugaragaza uburyo bwo gufata amajwi, amashusho 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura umumaro n'imikorere n'imikoreshereze y'ibikoresho by'ibanze by' ikoranabuhanga. - Gutandukanya ibikoresho byinjiza amajwi n'ibirangurura amajwi. - Gukoresha igikoresho ndangururamajwi mu buryo bwihariye. - Gukoresha ibikoresho nsakazamashusho mu buryo .bwhariye. - Gusobanura akamaro ka terefoni, radiyo na tereviziyo. - Gucana no kuzimya terefoni, radiyo na 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufata neza ibyo bikoresho ndangururamajwi na nsakazamashusho - Gukoresha ibikoresho ndangururamajwi - na nsakazamashushom u gihe gikwiye no mu buryo bukwiye - kugaragaza 'amatsiko yo kumenya akamaro n'imikoreshereze ya terefoni ' radiyo na tereviziyo - Kugira amatsiko yo kumenya aho 	<p>Indangururamajwi n'insakazamashusho Radiyo,Tereviziyo Terefoni zigendanwa, Terefoni zitagendanwa, Mudasobwa , Bafure , Ekuteri, Kamera, Mikorofoni</p> <p>Gusobanura ibikoresho ndangururamajwi Radiyo, Terefoni, Bafule , Mikorofoni, Ekuteri.</p> <p>Gusobanura ibikoresho nsakazamashusho Tereviziyo, Kamera , Mudasobwa</p> <p>Terefoni ,Radiyo na tereviziyo</p> <ul style="list-style-type: none"> • Akamaro, • Imikoreshereze (gucana, kuzimya guhindura 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza no gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo hagamijwe gutandukanya ibikoresho by' indangururamajwi n'insakazamashusho - Gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo hagamijwe kumenya gucomeka ku mashanyarazi - Gucana(kwatsa) no kuzimya Radiyo, tereviziyo,terefoni,mudasobwa na kamera - Gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo ku mikoreshereze ya terefoni, radiyo na tereviziyo

<p>Kugaragaza uko batsa, bazimya, bahindura umurongo wa radio, bagabanya cg bongera ijwi</p> <p>– Kugaragaza uko bacana n’uko bazimya terefoni</p>	<p>tereviziyo.</p> <p>– Gukoresha radio na televiziyo mu buzima bwa buri muni.</p> <p>– Kubungabunga terefoni,radiyo na tereviziyo mu gihe na nyuma yo kubikoresha.</p>	<p>amajwi n’amashusho biturukaKugaragaza amakenga mu gukoresha terefoni, radiyo na tereviziyo</p>	<p>imirongo, kugabanya no kongera ijwi, gushyiramo no gukuramo amabuye/gucomeka ku mashanyarazi)</p>	<p>– Mu matsinda mato</p> <p>– ibiganiro nyunguranabitekerezo hagamijwe kumenya akamaro n’imikoreshereze bya terefoni, radiyo na tereviziyo</p>
<p><i>Ihuriro n’andi masomo: Imibare</i></p>				
<p><i>Ibipimo by’isuzuma: Kurondora ibikoresho byinjiza cyangwa bisohora amajwi n’amashusho n’ibyandika no gukoresha terefoni,radiyo na tereviziyo</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Radiyo, Tereviziyo,Terefoni igendanwa, Terefoni(zitagendanwa), Mudasobwa, Bafule, Mikorofoni, Ekuteri, Kamera</i></p>				

Imbumbanyigisho: Ibidukikije				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa mbere		Umutwe 4: Amazi		Umubare w' amasomo:8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora gutandukanya amasoko no gusobanura amoko n'akamaro by' amazi, kumesa imyambaro yoroheje no kuronga ibiribwa bibisi				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Kurondora amasoko y'amazi -Kurondora amoko y'amazi -Kurondora akamaro k'amazi -Gusobanura akamaro k'amazi -Gusobanura uko bamesa imyenda yoroheje -Gusobanura uko baronga imboga n'ibindi biribwa bibisi 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvumbura amasoko atandukanye y'amazi - Gutandukanya amasoko y'amazi - Gutandukanya amoko y'amazi - Gutandukanya ibyiciro byo kumesa imyenda no kuronga ibiribwa bibisi - Kumesa umuswari - Kumesa igitambaro cyo guhanagura intoki - Kumesa amasogisi - Kuronga imboga rwatsi - Kuronga ibijumba, ibirayi cyangwa karoti 	<ul style="list-style-type: none"> -Kugira amatsiko y'aho amazi aturuka -Kubungabunga amasoko anyuranye. -Kugaragaza isuku y'imyambaro -Kwishimira isuku y'ibiribwa bibisi 	<ul style="list-style-type: none"> - Amasoko y'amazi - Amoko y'amazi - Akamaro k'amazi - Ibyiciro byo kumesa - Ibyiciro byo gutegura no kuronga ibiribwa bibisi. 	<ul style="list-style-type: none"> -Gusura amasoko anyuranye y'amazi no gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe: Kuvumbura amasoko anyuranye y'amazi,kuvumbura amoko y'amazi atandukanye. - Kuvumbura akamaro k'amazi: Kumesa imyenda yoroheje (umuswari, igitambaro cyo guhanagura intoki, amasogisi);kuronga ibiribwa (ibijumba, ibirayi, karoti, imboga rwatsi) - Gukina umukino ukurikira: Gusiganwa utwaye amazi Kunywa amazi meza
Ihuriro n'andi masomo: Imbonezamubano, P1: Inzu yacu; Isuku y'umubiri n'iy'imyambaro; Isuku yo mu rugo n'iyomu mudugudu.				
Ibipimo by'isuzuma: Amasoko n'amoko atandukanye y'amazi, imyambaro imeshe neza n'ibiribwa bitandukanye bironze neza.				

Imfashanyigisho: Imigezi, inzuzi, ibiyaga, ibyuzi, amazi mabi, amazi meza; Ibikoresho byo kurongerwamo ibiribwa, n'ibindi ; ibesani, isabune umuswari, igitambaro cyo guhanagura intoki, amasogisi, ibijumba, ibirayi cyangwa karoti, n'imboga rwatsi

Imbumbanyigisho: Ibidukikije

Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa mbere

Umutwe 5: Inyamaswa

Umubare w' amasomo: 4

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora gutandukanya inyamaswa zo mu rugo (zororwa) n'izo mugasozi (zitororwa) zo mu karere ishuri ryubatsemo ,akamaro kazo n'ibice bigize udusimba duto

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Kurondora no gutandukanya inyamaswa zo mu karere -Kurondora amazina y'udusimba duto, kutwerekana no kurondora ibice bitugize -Kurondora umumaro w'inyamaswa zo mu rugo n'izo mu gasozi 	<ul style="list-style-type: none"> -Gusobanura ibiranga inyamaswa zo mu rugo n'izo mugasozi -Kugereranya no kuvangura udusimba duto ushingiyeye ku bice bitugize 	<ul style="list-style-type: none"> -Gusobanukirwa inyamaswa zo mu rugo n'izo mu gasozi -Gushira amatsiko ajyanye n'udusimba duto n'ibice bitugize 	<p>Inyamaswa zo mu rugo n'izo mu gasozi</p> <ul style="list-style-type: none"> -Inyamaswa zo mu rugo (zororwa): -Inyamaswa ziba mu gasozi: -Udusimba duto n'ibice byatwo -Akamaro k'inyamaswa zo mu rugo n'izo mu gasozi -Inyamaswa zo mu rugo (zororwa) -Inyamaswa ziba mu gasozi (zitororwa) 	<ul style="list-style-type: none"> -Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe gutandukanya aho inyamaswa ziba ndetse n'umumaro wazo -Gukina imikino ikurikira: Aho inyamaswa ziba, Fora ni iyihe nyamaswa, Twigane inyamaswa -Gutoragura udusimba duto no kutubika mu icupa ribengerana -Kwitegereza / gukorakora utwo dusimba hagamijwe kuvumbura ibice bitugize -Kugereranya no kuvangura utwo dusimba bashingiyeye ku bice bitugize (urugero: udufite amababa n'ututayafite, udufite amaguru menshi n'udufite make) -Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura amazina y'utwo dusimba, no kurondora ibice bitugize -Gukina imikino ikurikira: Igitagangurirwa

Ihuriro n'andi masomo: Ubworozi, Ibinyabuzima

Ibipimo by'isuzuma: Gutandukanya inyamaswa zo mu rugo n'izo mu gasozi ziboneka mu karere ishuri ryubatsemo, umumaro wazo n' ibice bigize udusimba duto

Imfashanyigisho: Inka, intama, ihene, urukwavu, imbwa, ingurube, igishuhe, agacurama, imbeba, inkoko, umuserebanya, ifi, inzoka, isazi, ikinyugunyugu, uruyuki, umubu, ifuku, ibishushanyo, amashusho biriho inyamaswa zidahita ziboneka, Icupa ribonerana.

Imbumbanyigisho: Ibidukikije				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse:umwaka wa mbere			Umutwe 6: Ibimera	Umubare w' amasomo: 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora gutandukanya ibimera bihingwa n'ibyimeza biri mu karere ishuri ryubatsemo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Gutandukanya no kurondora ibimera byo mu karere -Kubumbira ibimera mu matsinda hakurikijwe ko byimeza cyangwa bihingwa 	<ul style="list-style-type: none"> -Gushyira ibimera mu matsinda (ibyimeza n'ibihingwa) 	<ul style="list-style-type: none"> -Kugaragaza amatsiko yo kumenya amatsinda atandukanye y'ibimera biboneka mu karere ishuri riherereyemo. 	<ul style="list-style-type: none"> Amatsinda y'ibimera:Ibimera bihingwa -Ibishyimbo, ibigori, amasaka, insina, inturusu, icyayi, ikawa, amapera, avoka Ibimera byimeza -Ibitovu, urwiri, kimari, umucaca, inyabarasanya, karabukirwa, igicumucumu, umwenya, intobo, inkeri (zo mu gasozi) ... 	<ul style="list-style-type: none"> -Gusura ahakikije ishuri hagamijwe gukusanya amoko y'ibimera atandukanye ahaboneka. -Kurandura (aho bishoboka) ikimera kuri buri bwoko no kuzana ku ishuri ibyo bimera bitandukanye wabonye, -Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kubumbira mu matsinda y'ibyimeza n'ibihingwa
<i>Ihuriro n'andi masomo: Ubuhinzi(Ibinyabuzima)</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma:Amazina n' amatsinda (ibihingwa, ibyimeza) y' ibimera biboneka ahakikije ishuri</i>				
<i>Imfashanyigisho: Ibishyimbo, ibigori, amasaka, insina, ibitovu, urwiri, kimari, inturusu, umucaca, umuvumu, umusave, igitovu, imiyenzi, icyayi, ikawa, umucaca, inyabarasanya, karabukirwa, igicumucumu, umwenya</i>				

Imbumbanyigisho: Ibidukikije				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse:umwaka wa mbere			Umutwe 7: Imyanda n'isukura	Umubare w' amasomo: 7
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gutandukanya amoko y'imyanda gusukura ahadukikije n'umumaro wabyo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Gusobanura amoko y'imyanda n'uburyo bwiza bwo kuyitaho -Kurondora umumaro wo gusukura 	<ul style="list-style-type: none"> -Gukubura / gutoragura imyanda no kuyishyira ahakwiriye -Gushobora gukoresha umweyo, umukoropesho, agatambaro gahanagura ivumbi, 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira akamenyero ko kuvangura imyanda itandukanye -Kwirinda gukomeretswa n'ibyuma cyangwa amacupa yajugunywe -Gushobora kwisukurira ahakikije aho baba 	<ul style="list-style-type: none"> Amoko y'imyanda Imyanda ibora, Imyanda itabora Imyanda ishobora gushya Imyanda idashobora gushya Imyanda ifite uburozi Uburyo bwo kwita ku imyanda -Uburyo bwo gusukura urugo n'aharukikije -Umumaro wo gusukura ahadukikije - Kwirinda indwara ziterwa n'umwanda - Kugaragara neza 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukubura / gutoragura imyanda yose iri ku ishuri no mu nkengeri zaryo - Kuvangura iyo myanda hagenda ku bwoko bwayo: ibora cyangwa itabora - Gukina umukino ukurikira: Abakwirakwiza imyanda - Gusukura ku ishuri n'aharukikije: Gukubura, gutoragura imyanda, gukoropa, guhanagura ivumbi, guhanagura, Koza ibirahure - Gukora ikiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura akamaro k'isuku - Gukina imikino ikurikira: <ul style="list-style-type: none"> - Gutoragura imyanda - Reka dusukure - Ahantu heza
Ihuriro n'andi masomo: Imbonezamubano, P1: Isuku yo mu rugo n'iyi mu mudugudu, ibidukikije				
Ibipimo by'isuzuma: Isuku y'ahadukikije gukubura				
Imfashanyigisho: Amazi, imyeyo, igitambaro, isabune, icyangwe, ingarane, umukoropesho				

Imbumbanyigisho: Umubiri w'umuntu				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa mbere			Umutwe 8: Umubiri w'umuntu	Umubare w' amasomo:7
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gutandukanya ibice bigize umubiri w'umuntu, umumaro wabyo no kuwugirira isuku;				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<p>–Kwerekana ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu</p> <p>–Gusobanura uko ibice bitandukany e by'umubiri bisukurwa</p>	<p>–Kuvumbura ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu</p> <p>–Gutandukanya ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu aashingiye ku mumaro wabyo</p> <p>–Kwiyuhagira buri muni acoresheje amazi n'isabune</p> <p>–Gukora imyitozo</p>	<p>–Gusobanukirwa ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu</p> <p>–Kwirinda kwiyanduza</p> <p>–Kwibwiriza kwiyuhagira umubiri wose buri muni</p> <p>–Kugira akamenyero ko gukora imyitozo ngororangingo buri muni</p>	<p>–Ibice bigize umubiri w'umuntu</p> <ul style="list-style-type: none"> - Umutwe - Igihimba - Amaboko n'amaguru <p>–Akamaro k'ibice bigize umubiri w'umuntu.</p> <p>–Kwita ku mubiri w'umuntu</p> <ul style="list-style-type: none"> • Isuku <p>Kwiyuhagira, Gukaraba intoki n'inzara;</p> <p>Koza mu kanwa.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ngororamubiri 	<p>–Kwitegereza/gukorakora ibice by'umubiri w'umuntu</p> <p>–Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura akamaro k'ibice by'umubiri w'umuntu</p> <p>–Gukina imikino ikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Manzi/ Mukamanzi aravuze - Gukoresha ibyumviro - Twigane inyamaswa - Gusetsa umwami <p>–Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura uburyo ibice by'umubiri w'umuntu bisukurwa</p> <p>–Kwiyuhagira/koga ibice by'umubiri :</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukaraba intoki n'inzara • Koza mu kanwa <p>–Gukora imyitozo ngororangingo</p> <p>–Gukina umukino ukurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusukura neza intoki

	ngororangingo			
<i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Ibinyabuzima: umubiri w'umuntu; Igororangingo; Imbonezamubano, P1/ Isuku y'umubiri n'iy'imyambaro.</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma:</i> <i>Kurondora no kwerekana ibice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu no gusobanura umumaro n'isuku yabyo</i>				
<i>Imfashanyigisho:</i> <i>Ibishushanyo n'amashusho bigaragaza ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu, amazi, ibesani n'isabune, umupira wo gukina, umugozi wo gusimbuka, uburoso bwoza amenyo, umuti wo koza amenyo</i>				

Imbumbanyigisho: Ibikoreshwa n'imimerere y'ibintu				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa mbere			Umutwe 9: Ibikoreshwa n'ibikoresho	Umubare w' amasomo: 4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora gutandukanya ibikoreshwa karemano n'ibikoresho bitari karemano binyuranye				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga igisobanuro cy'igikoreshwa - Kurondora ibikoreshwa karemano n'ibikoresho bitari karemano 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibikoreshwa karemano n'ibikoresho bitari karemano 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza amatsiko yo kumenya itandukanyo riri hagati y'ibikoreshwa karemano n'ibikoresho bitari karemano 	<ul style="list-style-type: none"> Igisobanuro cy'igikoreshwa Ibikoreshwa karemano <ul style="list-style-type: none"> - Ubutaka, urutare, imbaho, amazi, amabuye y'agaciro, ipamba, impu n'ubwoya bw'imyamaswa, umucanga, ibumba, Ibikoresho bitari karemano <ul style="list-style-type: none"> - Inyubako zitandukanye, amato, ikanya, isahane, isabune, ikirahure, urupapuro, isima, imodoka, imihanda, amateme, 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora ibiganiro mumatsinda hagamijwe kuvumbura ibikoreshwa karemano n'ibikoresho bitari karemano - Gukusanya ibikoresho binyuranye hagamijwe gutandukanya ibikoreshwa karemano n'ibikoresho bitari karemano
<i>Ihuriro n'andi masomo: Ubugenge: imimerere y'ibikoreshwa</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: Gutandukanya ibikoreshwa karemano n'ibikoresho bitari karemano</i>				
<i>Imfashanyigisho: Ubutaka, urutare, imbaho, amazi, amabuye y'agaciro, ipamba, impu n'ubwoya bw'imyamaswa, umucanga, ibumba, inyubako zitandukanye, imodoka, imihanda, amateme, amato, ikanya, isahane, isabune, ikirahure, urupapuro, isima</i>				

5.3 Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa kabiri

5.3.1 Ubushobozi bw'ibanze bugamijwe mu mwaka wa kabiri

Umunyeshuri urangije umwaka wa kabiri w'amashuri abanza agomba kugaragaza ubushobozi bukurikira:

- Gukoresha uko bikwiye ibikoresho byo mu rugo , ku ishuri no kubifata neza;
- Gukora ibikinisho, imfashanyigisho (inyoni, ihene, ibinyampande, imodoka, agakinisho kaguruka budege, isaha yo kumanika mu nzu ,) no kubifata neza;
- Gutandukanya ibice bigize mudasobwa no kwitwararika kuyifata neza;
- Gutandukanya akamaro k' ibidukikije mu buzima bwa buri muni;
- Gutandukanya akamaro k'ibyumviro bitandukanye by' umubiri w'umuntu.

5.3.3. Imbonehamwe y’Imitwe, Umwaka wa 2

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga Riciriritse				
Ubumenyin' Ikoranabuhanga Riciriritse:umwaka wa kabiri			Umutwe 1: Ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri	Umubare w' amasomo: 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora gukoresha no gufata neza ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
Gusobanura akamaro k' ibikoresho byo ku ishuri	<ul style="list-style-type: none"> – Gutandukanya ibikoresho byo ku ishuri hagendewe ku mumaro wabyo – Gukoresha neza ibikoresho byo kwandikisha – Gukoresha neza ibikoresho byo kwandikaho – Gukoresha neza ibindi bikoresho bitandukanye biboneka mu ishuri – Gusukura ikibaho – Gufunika amakaye – Gusongora ikaramu y'igiti 	<ul style="list-style-type: none"> – Kugira isuku y'ibikoresho byo ku ishuri – Kwibwiriza gusukura no gufata neza ibikoresho byo ku ishuri – Gutwara amakaye mu ruhago (agakapu) – Kubika neza ahabugenewe ibikoresho byo ku ishuri 	Ibikoresho byo ku ishuri n'icyo bikora : <ul style="list-style-type: none"> - Ibikoresho byo kwandikisha no gushushanya - Ibikoresho byo kwandikaho - Ibikoresho byo kubikamo/ho - Ibikoresho byo gusukura - Ibindi bikoresho Gufata neza ibikoresho byo ku ishuri	<ul style="list-style-type: none"> – Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura imikoreshereze ya buri gikoresho kiboneka ku ishuri – Koza no guhanagura ikibaho – Gufunika amakaye – Gusongora ikaramu y'igiti – Guhanagura no koza intebe, ameza n'akabati byo mu ishuri, ... – Kwandikisha ikaramu y'igiti – Kwandikisha ikaramu y'amabara – Kwibukiranya ibikoresho bifashisha mu rugo n'akamaro kabyo – Kuzana ku ishuri ibikoresho byo
Gusobanura akamaro k'ibikoresho byo mu rugo	<ul style="list-style-type: none"> – Gutandukanya / kuvangura ibikoresho byo mu rugo hagendewe ku mumaro wabyo 	<ul style="list-style-type: none"> – Kugira isuku y'ibikoresho byo mu rugo – Kwibwiriza gusukura 	Ibikoresho byo mu rugo n'icyo bikora: <ul style="list-style-type: none"> - Ibikoresho byo mu gikoni no kuriraho 	

	<ul style="list-style-type: none"> - Koza ibikoresho byo mu gikoni no ku meza - Gusukura ibikoresho byo mu rugo hitawe ku buryo bisukurwamo 	<ul style="list-style-type: none"> no gufata neza ibikoresho byo mu rugo - Kwirinda impanuka zishobora guterwa n'ibikoresho byo mu rugo 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibikoresho byo gusukura - Ibikoresho byo guhinga - Ibikoresho byo kubikamo/ho - Ibindi bikoresho - Gufata neza ibikoresho byo mu rugo 	<ul style="list-style-type: none"> mu rugo - Gusukura ibikoresho byo mu rugo hitawe ku buryo bisukurwamo - Koza ibikoresho byo ku meza
<p>Ihuriro n'andi masomo: Imbonezamubano, P2: Ishuri ryacu, Imbonezamubano, P1: Inzu yacu; Isuku yo mu rugo n'iyo mu mudugudu.</p>				
<p>Ibipimo by'isuzuma: Gushobora gukoresha ibikoresho biboneka ku ishuri, mu rugo no kubifata neza</p>				
<p>Imfashanyigisho: Amazi, isabune, agatambaro gatose n'akumutse, intebe, ikaramu, ikaramu y'igiti, ingwa, igihanaguzo, ikibaho, akabati, ameza, imfashanyigisho, ikaye, akuma gasongora ikaramu y'igiti, agahanaguzo k'ikaramu y'igiti .</p>				

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga Riciriritse					
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse : umwaka wa kabiri			Umutwe 2: Ibikinisho, ibikoresho by'ibanze n'imfashanyigisho		Umubare w' amasomo: 8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gukora ibikinisho / ibikoresho binyuranye / n' imfashanyigisho					
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya			
<ul style="list-style-type: none"> - Kumenya gusobanura uko ibinyampande (kare, urukiramende), agakinisho kaguruka budege, imodoka n'igikinisho cy'isaha yo kumanika mu nzu bikorwa Kumenya gusobanura uko agakinisho kaguruka budege, inyoni n' ihene bikorwa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora inyoni n' ibinyampande (kare, urukiramende) - Gukora agakinisho kaguruka budege n'imodoka - Gukora igikinisho cy'isaha yo kumanika mu nzu - Gukora agakinisho kaguruka budege mu icupa rya parasitike ririmo ubusa - Kubumba inyoni n' ihene mu ibumba 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitondera gukoresha ibikoresho bishobora gukomeretsa (urwembe, umukasi n'ibikenyeri) - Kugira amatsiko n'ubushake bwo kwikorera ibikinisho aho kubigura - Guha agaciro ibikinisho n'imfashanyigisho byakozwe, bikabikwa neza - Kwitondera gukoresha ibikoresho bishobora gukomeretsa (urwembe, umukasi) - Kugira amatsiko n'ubushake bwo kwikorera ibikinisho aho kubigura - Guha agaciro ibikinisho n'imfashanyigisho byakozwe, bikabikwa neza 	Ibishobora gukorwa: <ul style="list-style-type: none"> - Mu mpapuro: inyoni, ibinyampande (kare, urukiramende) - Mu bikenyeri, mu duti no mu mpapuro: agakinisho kaguruka budege, <i>imodoka</i> - Mu bikarito: isaha yo kumanika mu nzu - Muri parasitike (icupa rya parasitike ririmo ubusa): agakinisho kaguruka budege - Mu ibumba: inyoni, ihene 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora inyoni, ibinyampande (kare, urukiramende) mu mpapuro - Gukora agakinisho kaguruka budege n'imodoka hifashishijwe ibikenyeri, uduti n'impapuro - Gukora isaha yo kumanika mu nzu hifashishijwe ibikarito - Gukora agakinisho kaguruka budege mu icupa rya parasitike ririmo ubusa - Kubumba inyoni n' ihene mu ibumba 	
<i>Ihuriro n'andi masomo: igororangingo, Imbonezamubano: ibidukikije, ubugeni</i>					
<i>Ibipimo by'isuzuma: Kubasha gukora ibikinisho n'imfashanyigisho zitandukanye: inyoni n' ibinyampande (kare, urukiramende), agakinisho kaguruka budege n'imodoka, muri parasitike (agakinisho kaguruka budege, inyoni n' ihene)ndetse n' igikinisho cy'isaha yo kumanika mu nzu</i>					
<i>Imfashanyigisho: Umukasi, urwembe, impapuro, ibikarito, ibikenyeri, uduti, agapapuro gafatanya izindi</i>					

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga mu isakazabumenyi					
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse : umwaka wa kabiri			Umutwe 3: Inshuti yanjye mudasobwa		Umubare w' amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gutandukanya ibice by'ingenzi bya mudasobwa no kwitwararikira uburyo bwo kuyikoresha					
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya			
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibice bya mudasobwa bigaragara inyuma - Gusobanura umumaro w' ibice bya mudasobwa - Gusobanura uburyo bwo kubungabunga mudasobwa n'ubuzima bw'uyikoresha 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya no gusobanura umumaro w' ibice bya mudasobwa bigaragara inyuma - Gukurikiza uburyo bwo kwirinda impanuka zikomoka ku gukoresha nabi mudasobwa. - Gukuriza uburyo bukwiye mu gihe na nyuma yo gukoresha mudasobwa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufata neza ibice bya mudasobwa - Kugaragaza amatsiko yo gukoresha mudasobwa - Kugaragaza impungenge z'ingaruka zikomoka ku ikoresha rya mudasobwa hifashishwa ingufu z'amashyamba. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibice byingenzi bigaragara inyuma bya mudasobwa - Ukubungabunga mudasobwa - Ukamaro k'ibice by'ingenzi bya mudasobwa (LaptopXO) - Uburyo buboneye bwo kwicara ukoresha mudasobwa - Ingaruka zikomoka ku kwicara nabi ukoresha mudasobwa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo hagamijwe kurondora ibice bya mudasobwa bigaragara inyuma n'umumaro wabyo - Gukina imikino ikurikira: Manzi/ Mukamanzi aravuze - Umwitozo wo kwicara imbere ya mudasobwa hakurikijwe uburyo buboneye. - Gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo hagamijwe gusobanura ibishobora kwangiza ubuzima biturutse ku gukoresha nabi mudasobwa. 	
Ihuriro n'andi masomo: Imibare, ikinyarwanda, icyongereza.					
Ibipimo by'isuzuma: Kurondora no gusobanura umumaro w' ibice by'ingenzi bya mudasobwa bigaragara inyuma ,kubungabunga mudasobwa n'ubuzima bw'uyikoresha					
Imfashanyigisho: Mudasobwa					

Imbumbanyigisho: Ibidukikije				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse :			Umutwe 4: Umwuka n'umuyaga	Umubare w' amasomo:8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kuvumbura ukubaho k'umwuka no gusobanura ibiwuranga, akamaro kawo, gutandukanya amoko yawo, ingaruka zawo no kuzirinda.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora no gusobanura ibiranga umwuka - Kurondora akamaro k'umwuka - Gusobanura isano iri hagati y'umwuka n'umuyaga - Gutandukan ya amoko y'umuyaga 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvumbura ukubaho k'umwuka - Kugereranya ingaruka z' umwuka n' umuyaga ku bidukikije - Kwirinda ingaruka 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza amatsiko yo kumenya akamaro k'umwuka - Kwishimira akamaro k'umwuka ku bidukikije 	<ul style="list-style-type: none"> -Ibiranga umwuka umubyimba,ishusho,ibara,impumuro -Akamaro k'umwuka Ku binyabuzima, ibinyamitende no gucana umuriro -Isano iri hagati y'umwuka n'umuyaga -Amoko y'umuyaga Akayaga gake, Umuyaga wo mu rugero, Serwakira, Inkubi y'umuyaga -Ingaruka z'umuyaga Kumisha imyenda, Gutanga amafu, Gutanga umwuka mwiza, gusenya, 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu itsinda ry'abanyeshuri babiri: guhaga umupira cyangwa igipurizo hagamijwe kugaragaza ukubaho k'umwuka, kugurutsa urupapuro hifashishijwe agahungizo, gahamijwe kugaragaza ukubaho k'umwuka. - Kwerekana ko mu icupa ritarimo ikintu kigaragara, ko "ritarimo ubusa", ahubwo ko "harimo umwuka", gukandira umwuka mu ipompo y'igare, aho usohokera hafungishije urutoki - Gukora amagerageza hakoreshejwe ipompo y'igare, ishashi cyangwa igipurizo hagamijwe gusobanura ibiranga umwuka <ul style="list-style-type: none"> - Kuzuza umwuka mu gipurizo cyangwa mu ishashi, ugafunga neza ku buryo umwuka udasohoka, ugakanda mu mpande zitandukanye zabyo - Guhaga ipine y'igare, umupira cyangwa igipurizo - Kwitegereza umwuka uri mu icupa ribonerana - Kwihumuriza umwuka uri mu icupa cyangwa mu ishuri - Kuganirira mu matsinda mato hagamijwe kuvumbura isano iri hagati y'umwuka n'umuyaga - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura

<p>– Gusobanura ingaruka z’umuyaga ahadukikije</p>	<p>z’umuyaga ku bidukikije (amashuri, amazu, amavuriro..)</p>		<p>kwangiza imyaka -Kwirinda ingaruka mbi z’umuyaga Kubaka inzitiro, gutera ibiti ku misozi</p>	<p>akamaro k’umwuka – Gukoresha agahungizo mu kugaragaza ukubaho n’imbaraga z’umuyaga – Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura amoko y’umuyaga n’ingaruka mbi zawo ku bidukikije no kuzirinda</p>
<p><i>Ihuriro n’andi masomo:</i> Imbonezamubano: ibihe (weather) Ibinyabuzima: urwungano rw’ihumeka; Ubugenge: imimerere y’ibintu</p>				
<p><i>Ibipimo by’isuzuma:</i> Kurondora no gusobanura ibiranga umwuka n’akamaro kawo; gutandukanya amako y’umuyaga no kwirinda ingaruka mbi zawo</p>				
<p><i>Imfashanyigisho:</i> Ipompo y’igare, icupa ritagize ikindi kintu kigaragaramo, akadobo karimo amazi, agahungizo, igikoresho kibyara umuyaga (ventilateur) Ipompo y’igare, serenge, ishashi, icupa, ipine cyangwa umupira</p>				

Imbumbanyigisho: Ibidukikije			
Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Ricirirtse :umwaka wa kabiri		Umutwe5: Ubutaka	1. Umubare w' amasomo:10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora kuvumbura akamaro k'ubutaka, ibyangiza ubutaka n' ingaruka z'amazi k'ubutaka			
Intego			Ibyigwa
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya	
<ul style="list-style-type: none"> -Kurondora amoko y'ubutaka - Kurondora no gusobanura akamaro k'ubutaka, ibyangiza ubutaka n' ingaruka z'amazi ku butaka - Kurondora ibyangiza ubutaka - Kurondora ibyiza n'ibibi by'amazi k'ubutaka 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvumbura amoko atandukanye y'ubutaka - Gutandukanya akamaro k'ubutaka hakurikijwe amoko yabwo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwishimir a ibyiza by'amazi k'ubutaka 	<p>Amoko y'ubutaka: Ibumba, Urusenyi, Imberabyombi</p> <p>Akamaro k'ubutaka (hakurikijwe amoko yabwo)</p> <ul style="list-style-type: none"> - imberabyombi: kubuhinga, guhoma amazu, kubwubakaho - urusenyi: kubwubakisha, - ibumba: kubumba amatafari, kubumba mo inkono n'imitako, gukurungira <p>Ibyangiza ubutaka</p> <ul style="list-style-type: none"> - Amazi y'imvura, Umuyaga (serwakira) - Umuriro, Imyanda itabora, ... <p>Ibyiza n'ibibi by'amazi ku butaka</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubobeza ubutaka buhingwa - Iyo amazi yabaye menshi, gucukuka kw'imikoke n'inkangu - Isuri yangiza ubutaka (ishobora no guterwa n'umuyaga) - Amazi atwara ifumbire ubutaka bugasaza
			<p>Ibikorwa by'umunyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusura ahantu hatandukanye mu karere k'ishuri haboneka amoko atandukanye y'ubutaka no gufata ubutaka bw'urwitegererezo. - Gukorera mu matsinda ubushakashatsi hagamijwe gutandukanya amoko y'ubutaka bw'ahasuwe mu karere ishuri ryubatsemo no kuvuga akamaro kabwo (gukorakora no kwitegereza, kubutosa, kububumba, ...) - Gusura ahantu hatandukanye hagaragara ubutaka bwangijwe n'amazi no kuganira mu matsinda hagamijwe gutandukanya

				ibyiza n'ibibi by'amazi ku butaka (kwitegereza / gukorakora)
Ihuriro n'andi masomo: Ubuhinzi/ubutaka; imbonezamubano/ibidukikije				
Ibipimo by'isuzuma: Gusobanura ibitandukanya amoko y'ubutaka, akamaro kabwo n'ibibwangiza				
Imfashanyigisho: Ubutaka bw'amoko atandukanye, amazi, isuka, ibishushanyo n'amafoto, ahantu hatandukanye hagaragara ubutaka bwangijwe n'amazi				

Imbumbabumenyi: Ibidukikije				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse:umwaka wa kabiri			Umutwe 6: Ibimera	Umubare w' amasomo: 8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gutandukanya ibice binyuranye by'ikimera n'umumaro wabyo no gutandukanya (amasinda) ibihingwa hakurikijwe umumaro wabyo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibice bitandukanye by'ikimera - Gusobanura umumaro w'ibice bitandukanye by'ikimera - Kurondora amasinda y'ibihingwa hakurikijwe umumaro wabyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibice bigize ikimera - Gushyira mu matsinda ibimera ukurikije umumaro wabyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuragaraza amatsiko yo gutandukanya ibice by'ikimera hakurikijwe umumaro wabyo - Kwishimira umumaro w'ibimera - Gusobanukirwa umumaro wa buri kimera kiboneka mu karere ishuri riherereyemo 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibice by'ikimera Imizi, uruti (n'amashami), amababi , indabyo, imbuto / urubuto - Amasinda y'ibimera Ingandurarugo,ingengabukungu - Uumumaro w'ibimera Ibikoreshwa mu buvuzi,Ibikoreshwa mu gutegura ,Ibikoreshwa mugutanga inkwi no gutanga imbaho, Ibikoreshwa mu kuzitira 	<ul style="list-style-type: none"> - Kurandura neza no kuzana ku ishuri ibimera bitandukanye (ibikiri bitoya, ibigiye kwera ndetse n'ibyarangije kwera) - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura ibice by'ikimera - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura umumaro wa buri gice cy'ikimera - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe gushyira mu byiciro ibimera bitandukanye hashingiwe ku mumaro wabyo
Ihuriro n'andi masomo: <i>Ibinyabuzima/ibimera</i>				
Ibipimo by'isuzuma: <i>Gutandukanya amasinda y'ibimera hakurikijwe akamaro kabyo</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibimera bitandukanye byo mu karere ishuri ryubatsemo</i>				

Imbumbanyigisho: Ingufu				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa kabiri			Umutwe7: Urumuri n'ubushyuhe	Umubare w' amasomo:14
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:Kuvumbura inkomoko y'urumuri n'iy'ubushyuhe n'isano iri hagati y'urumuri n'igicucu				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibitanga urumuri - Kuvumbura isano y'umwijima n'urumuri - Kuvumbura inkomoko y'igicucu - Gusobanura akamaro n'ingaruka by'urumuri - Kurondora ibitanga ubushyuhe - Gusobanura akamaro n'ingaruka 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvumbura ibitanga urumuri n'ibitanga ubushyuhe - Gutandukanya umwijima n'igicucu - Kugereranya uburebure bw'igicucu n'amasaha (ibihe) by'umunsi (igitondo, amanywa y'ihangu, ikigoroba) - Kuvumbura isano y'ibitanga urumuri 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwirinda impanuka z'ubushyuhe - Kwirinda urumuri rwinshi cyangwa ruke mu gusoma - Gutandukanya igicucu n'umwijima - Kugereranya ibihe by'umunsi bagendeye ku gicucu - Kwirinda kureba mu zuba nta madarubindi yabugenewe wambaye - Gusobanukirwa isano iri hagati y'urumuri n'ubushyuhe 	<ul style="list-style-type: none"> Urumuri, umwijima n'igicucu - Ibitanga urumuri - Igisobanuro cy'umwijima - Isano iri hagati y'urumuri n'igicucu - Akamaro k'urumuri - Ibibi by'urumuri (rwinshi cyangwa ruke) Ubushyuhe - Ibitanga ubushyuhe - Akamaro k'ubushyuhe - Ibibi by'ubushyuhe - Amoko y'ibipimo by'ubushyuhe: - Iyipimo cyo kwa muganga - Iyipimo cyo muri laboratwari 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura: - Ibitanga urumuri - Akamaro k'urumuri - Ku myifatire ikwiriye yo kwirinda ingaruka z'urumuri rwinshi cyangwa rudahagije - Gukora icyumba cyijimye hifashishijwe ibitambaro by'umukara; - Gukora igicucu hifashishijwe ibitanga urumuri (isitimu, itara, buji, ...); - Gupima uburebure bw'igicucu cyabyawe n'igiti giteye mu busitani bw'ishuri ku masaha atandukanye y'umunsi (igitondo, amanywa y'ihangu, ikigoroba) - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura itandukanirizo riri hagati y'umwijima, igicucu n'urumuri - Igerageza: Gucana ibintu binyuranye (buji, itadwa, itara ry'amashanyarazi, ...) - bakavumbura isano iri hagati y'ibitanga urumuri n'ubushyuhe - Kuganira mu matsinda hagamijwe kuvumbura

<p>by'ubushyuhe</p> <p>– Kurondora amoko y'ibipimo by'ubushyuhe</p> <p>– Gutandukanya ibice bitandukanye by'igipimo cy'ubushyuhe</p> <p>– Gusobanura akamaro k'igipimo cy'ubushyuhe</p> <p>– Gusobanura isano iri hagati y'ibitanga urumuri n'ubushyuhe</p> <p>– Kurondora ibibi by'urumuri n'iby'ubushyuhe</p>	<p>n'ubushyuhe</p> <p>–Gukoresha ibintu bitanga urumuri n'ubushyuhe uko bikwiriye</p> <p>–Gupima ubushyuhe bw'umubiri wawe ukoresheje igipimo cyo kwa muganga</p> <p>Kwirinda ibibi by'urumuri n'iby'ubushyuhe</p>	<p>–Kugira imyifatire ikwiye yo kwirinda ingaruka / ibibi by'urumuri n'ubushyuhe</p> <p>–Kwirinda impanuka zishingiye ku bushyuhe no ku rumuri</p> <p>–Kugira ubushobozi bwo gupima ubushyuhe bw'umubiri w'umuntu adasabye ubundi bufasha</p> <p>–Kugira akamenyero ko gupima ubushyuhe bw'umubiri w'umuntu</p>	<p>– Igipimo cyo mu bumenyi bw'ikirere</p> <p>– Imikoreshereze n'isoma ry'imibare y'igipimo cy'ubushyuhe</p> <p>– Ibiranga igipimo cy'ubushyuhe</p> <p>– Akamaro k'igipimo cy'ubushyuhe</p> <p>Isano iri hagati y'ibitanga urumuri n'ibitanga ubushyuhe</p> <p>Kwirinda ingaruka / ibibi by'urumuri n'iby'ubushyuhe:</p>	<p>ibintu bitanga urumuri ariko bidatanga ubushyuhe</p> <p>– Gukora igerageza rigamije kugaragaza itandukaniro/ isano riri hagati y'urumuri n'ubushyuhe hifashishijwe buji. Itadowa n'itara ry'amashanyarazi</p> <p>– Gukora ikiganiro hagamijwe kuvumbura ibyiza (akamaro) n'ibibi (ingaruka) by'ubushyuhe</p> <p>– Gukora ikiganiro hagamijwe kuvumbura imyifatire ikwiriye mu kwirinda ingaruka / ibibi by'ubushyuhe</p> <p>– Gukoresha igipimo cy'ubushyuhe gikoreshwa kwa muganga(Kuzunguza igipimo mbere yo kugipimisha, kugishyira mu kwaha, ugategereza iminota ibiri, gusoma imibare igipimo cy'ubushyuhe cyerekana), gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kugereranya ibipimo bya buri munyeshuri</p> <p>– Gupima ubushyuhe bw'ibintu bitandukanye (umwuka/ikirere, ubutaka, amazi, ...) mu masaha atandukanye y'umunsi (mu gitondo, ku manywa no ku mugoroba) no kugereranya imibare itandukanyey'igipimo cy'ubushyuhe</p>
---	--	---	--	--

Ihuriro n'andi masomo: *Ubugenge/ ingufu*

Ibipimo by'isuzuma: *Kuvumbura isano y'ibitanga urumuri n'ubushyuhe no kwirinda ingaruka zikomoka ku rumuri n'ubushyuhe*

Imfashanyigisho: *Izuba, isitimu, umuriro, buji, itadowa, itara rya peterori, itara ry'amashanyarazi, umwambi w'ikibiriti, itara rya gazi, inkwi mu ziko, Amasitimu, itara, buji, izuba, ibikarito, ibitambaro by'umukara byo gukinga amadirishya y'ishuri (amarido), irati, ukwezi, akanyenyeri; Igipimo cy'ubushyuhe gisanzwe n'icyo kwa muganga, ikaramu, urupapuro, ubutaka, amazi abira;*

Imbumbanyigisho:Umubiri w'umuntu				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa kabiri			Umutwe 8: Ibyumviro	Umubare w' amasomo: 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora gutandukanya ibyumviro by'umubiri w'umutu, kubisukura no kurondora umumaro wabyo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwaby'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura umumaro w'ibyumviro by'umubiri w'umuntu - Gusobanura uburyo bwo gufata neza ibyumviro 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amajwi, amabara, n'impumuro umwana yumvise 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira imyitwarire myiza ijyanye no kurinda ibyumviro by'umubiri w'umuntu 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibyumviro by'umubiri w'umuntu: ijisho, ugutwi, ururimi, uruhu, izuru - Umumaro w'ibyumviro: Kureba,kumva amajwi no kuyatandukanya, gutandukanya uburyohe no gufasha umuntu kumira, guhumurirwa no gufasha umuntu guhumeka, Kumenya ibikorakoye umubiri, kurinda umubiri, kuringaniza ubushyuhe bw'mubiri, Uburyo bwo gufata neza ibyumviro 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza ibintu bitandukanye mu ishuri bakavuga amabara yabyo - Gukora urusaku mu ishuri, abana bakagerageza gufata aho urusaku ruturutse n'ikirubyaye - Kwinukiriza ibintu bitandukanye: ururabo, amavuta yo kwisiga, isabune yo gukaraba, umubavu, ... ukamenya icyo ari cyo. - Gutandukanya ibikoze ku mubiri w'umuntu ufunze amaso - Gutandukanya ibiribwa/ibinyobwa hakurikijwe uburyohe bwabyo butandukanye - Ibiganiri nyunguranabitekerezo ku buryo bwo gufata neza ibyumviro by'umubiri w'umuntu. - Gukina umukino ukurikira:Manzi/ Mukamanzi aravuze
<i>Ihuriro n'andi masomo: Ibinyabuzima/umubiri w'umuntu</i>				
<i>Ibipimoby'isuzuma: Gutandukanya ibyumviro by'umubiri w'umuntu no kurondora umumaro wabyo</i>				
<i>Imfashanyigisho: Ibyumviro by'umubiri w'umuntu: ijisho, ugutwi, ururimi, uruhu, izuru, isukari, umuntu, amazi, utuyiko, ibikombe</i>				

5.4 Ubumenyi' n' Ikoranabuhanga Riciriritse: umwaka wa gatatu

5.4.1 Ubushobozi bw'ibanze bugamijwe mu mwaka wa gatatu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu w'amashuri abanza agomba kugaragaza ubushobozi bukurikira:

- Gukora ibikinisho, ibikoresho by'ibanze n'imfashanyigisho (ikibindi, imodoka mu mikwege, ibinyampane, igihanaguzo cy'ikibaho agatambaro ko mu ijosi , umusambi) no kubifata neza;
- Gukoresha terefoni mu buzima busanzwe no mu ikoranabuhanga;
- Kunoza imyandikire mu gikorwa cyo kwandika no gufata amafoto, amashusho n'amajwi muri icyo gikorwa, gutandukanya akamaro k' ibidukikije mu buzima bwa buri muni;
- Gutunganya no kubika uko bikwiye amazi yo kunywa;
- Gutandukanya amoko y'ubutaka n'uburyo bwo kuburinda isuri;
- Gutandukanya amoko y'innyamaswa ushingiyeye ku rutirigongo;
- Kumenya isano iri hagati y'ingingo, imikaya n'amagufa n'uko bifatwa neza;
- Gutandukanya amoko y'ingufu.

5.4.2 Imbonerahamwe y'imitwe

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga Riciriritse				
Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse : umwaka wa gatatu.			Umutwe 1: Ibikinisho, ibikoresho by'ibanze n'imfashanyigisho	Umubare w'amasomo: 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gukora ibikinisho / ibikoresho / imfashanyigisho mu ndodo, mu bitambaro, mu byatsi, mu birere mu mpapuro, mu bikarito mu mikwege no mu ibumba				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kumenya gusobanura uko igihanaguzo cy'ikibaho, agatambaro ko mu ijosi, umusambi, uruhago n'ibinyampande (kare, urukiramende, na mpandeshatu) bikorwa Kumenya gusobanura uko imodoka ikorwa mu mikwege n'uko akabindi kabumbwa 	<ul style="list-style-type: none"> - Kudoda igihanaguzo cy'ikibaho - Kuboha agatambaro ko mu ijosi - Kuboha umusambi n' uruhago - Gukora ibinyampande (kare, urukiramende, na mpandeshatu) mu mpapuro no mu bikarito - Gukora imodoka mu mikwege 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitondera gukoresha ibikoresho bishobora gukomeretsa (urwembe, umukasi, urushinge, ikoroshi) - Kugira amatsiko n'ubushake bwo kwikorera ibikinisho aho kubigura - Guha agaciro ibikinisho n'imfashanyigisho byakozwe, bikabikwa neza - Kwitondera gukoresha ibikoresho bishobora gukomeretsa (imikwege) - Kugira amatsiko n'ubushake bwo kwikorera ibikinisho aho kubigura Guha agaciro ibikinisho 	<ul style="list-style-type: none"> - Ikorwa ry' igihanaguzo cy'ikibaho n' agatambaro ko mu ijosi (hakoreshejwe imboho bufuro n'imboho nzirimwe):mu ndodo no mu bitambaro - Ibohwa ry' umusambi, uruhago mu byatsi cyangwa mu birere - Ikorwa ry'ibinyampande (mpandeshatu,kare n'urukiramende) mu mpapuro cyangwa mu bikarito - Ibumbwa ry ikibindi mu butaka bw' ibumba. - Ikorwa ry' imodoka mu 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora igihanaguzo cy'ikibaho n' agatambaro ko mu ijosi mu ndodo no mu bitambaro - Kuboha umusambi n' uruhago mu byatsi cyangwa mu birere - Gukora ibinyampande (kare, urukiramende, mpandeshatu) mu mpapuro cyangwa mu bikarito - Gukina imikino ikurikira: <ul style="list-style-type: none"> - Gushorera umupira - Gukora imodoka mu mikwege - Kubumba akabindi

	Kubumba akabindi	n'imfashanyigisho byakozwe, bikabikwa neza	mikwege.	
Ihuriro n'andi masomo: Igororangingo, Imbonezamubano: ibidukikije, imirimo yo mu rugo, imibare: jewometiri, ubugeni,				
Ibipimo by'isuzuma: Kubasha gukora igihanaguzo cy'ikibaho, agatambaro ko mu ijosi, umusambi, uruhago n'ibinyampande (kare, urukiramende, na mpandeshatu), imodoka mu mikwege no kubumba akabindi				
Imfashanyigisho: Inshinge, ikoroshi (yo kuboha), indodo (uruto n'urunini), ibitambaro, ipamba, umukasi, urwembe, impapuro, ibirere, ibikarito, urukangaga, umugwegwe, : Ibumba, insibo, urujyo, amazi, imikwege, udusinga duto cyangwa imikoba, ibikoresho byo muri parasitike bishobora gutanga amapine (urugero: ibifuniko by'amacupa).				

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga mu isakazabumenyi				
Ubumenyi n'ikoranabuhanga Riciriritse : umwaka wa gatatu		Umutwe 2 : Imikoreshereze ya terefoni		Umubare w' amasomo: 8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gukoresha terefoni mu guhamagara , mu butumwa bugufi no mu				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutondagura ibice bya "keyboard" ya terefoni - Kumenya guhamagara, no kubika nomero ya terefoni - Kumenya kureba muri terefoni abaguhamagaye, abo wahamagaye, abitabye n'abatitabye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibice by'ingenze bya keyboard ya terefoni - Gukurikiza uburyo bwo gufata amajwi n'amashusho hifashishijwe terefoni - Kwandika ubutumwa bugufi kuri terefoni kubwohereza no kubwakira - Gukurikiza uburyo bwo kugura ibikenewe , kwishyura no kohereza amafaranga hifashishijwe terefoni 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza amatsiko yo kumenya gukoresha terefoni muri gahunda zinyuranye. - Kwishimira ikoranabuhanga rikoreshe terefoni 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibice bigize keyboard ya terefoni - Kwandika, kohereza no kwakira ubutumwa bugufi - Kubika nomero no Guhamagara - Gufata amashusho n'amajwi - Terefoni mu ikoranabuhanga rusange (Transaction technologies Electricity buying Mobile Money, Tigo Cash, Star Times) 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo hagamijwe gutandukanya ibice bya keyboard - Imyitozo yo kwandika ubutumwa bugufi, kubwohereza no kubusoma - Imyitozo yo kwandika muri terefoni, nimeru ya terefoni, kuyibika, kuyishaka no kuyihamagara. - Imyitozo yo kwandika nimeru ya terefoni yaguhamagaye ,izaguhamagaye,izo witabye n'izo utitabye - Imyitozo yo kugura ibintu, kwishyura no kohereza amafaranga kuri terefoni.
<i>Ihuriro n'andi masomo: Imibare</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: Gukoresha terefoni mu guhamagara ,kohereza ubutumwa bugufi no mu rindi koranabuhanga</i>				
<i>Imfashanyigisho: Terefoni</i>				

Imbumbanyigisho: Ikoranabuhanga mu isakazabumenyi				
Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse : umwaka wa gatatu.		Umutwe 3: Inshuti yanjye Mudasobwa		Umubare w' amasomo:7
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kunoza imyandikire muri Typing turtle na Write activity no gufata amafoto, amashusho n'amajwi muri Record activity				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri Ubumenyi ngiro
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora ibice bigize keyboard muri typing turtle - Kumenya ibice bya text editor muri write activity ya XO - Kumenya inzira zifashishwa mu guhindura ingano, amabara ,ubwoko bw'inyandiko no guca imirongo ku ijambo. - Kumenya ibimenyetso by'ingenzi bya keyboard ya XO bikoreshwa muri write activity - Gutandukanya ibice bya mudasobwa bifotora, bifata amajwi 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwandika inyuguti (inkuru n'intoya) no kwimenyereza ibimenyetso byihariye muri 'typing turtle' - Gutandukanya igice kinoza n'icyandikwaho inyandiko muri 'write activity program' - Gukoresha 'keyboard' mu kwandika imigemo, amagambo n'interuro ahabigenewe muri 'write activity ya XO.' - Guhindura ingano, amabara, ubwoko bw'inyandiko, guca imirongo kw'ijambo. - Gusobonura uburyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza ubushake bwo gukoresha mudasobwa - Kwishimira kwandika akoresheje mudasobwa - Kugira amatsiko yo gukoresha igice kinoza n'icyandikwaho inyandiko kuri mudasobwa (XO) - Kunezewa no kwifotora no gufotora abandi - Kurushaho gukunda 	<ul style="list-style-type: none"> Porogaramu yo gukoresha key board (Typing turtle Activity) - Ibice bya keyboard ya mudasobwa (XO) - Inyuguti n'ibimenyetso byihariye Kunoza inyandiko (Write Activity) - Ibigize igice kinoza inyandiko kuri mudasobwa (XO) - Ibigize Igice cyandikwaho kuri mudasobwa (XO) Record activity - Gufotora - Gufata amajwi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora imyitozo yo kwandika inyuguti n'ijambo muri 'typing turtle.' - Imyitozo yo kwandika inyandiko zirimo inyuguti nkuru n'intoya muri 'typing turtle.' - Imyitozo yo kwimenyereza ibimenyetso by'ingenzi bya 'keyboard' bikoreshwa muri 'write activity program' - Imyitozo yo kwandika inyuguti, imigemo, amagambo, interuro n'igika - Muri 'write activity'. - Imyitozo yo guhindura amabara, Ingano, ubwoko bw'inyandiko no guca umurongo aho bikenewe mu nyandiko. - Imyitozo yo kwimenyereza ibikoresho byifashishwa mu gufotora, gufata amajwi n'amashusho muri 'Record activity' - Imyitozo yo gufotora no gufata amajwi n'amashusho muri 'record activity.'

<p>n'amashusho.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kumenya gufotora, gufata amajwi n'amashusho. - Kumenya kwita izina, gusiba amafoto, amajwi - n'amashusho. 	<p>amafoto, amajwi n'amashushobifatwa</p> <p>Kugaragaza uko bita bakanasiba ifoto, amajwi n'amashusho</p>	<p>gukoresha ikoranabuhanga rya mudasobwa</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gufata video Kwita izina no Gusiba - Ifoto - Amajwi - Amashusho 	<p>Gukora imyitoto yo gusiba no kwita amazina ibyafashwe muri 'Record activity'</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> Imibare, ikinyarwanda</p>				
<p><i>Ibipimo by'isuzuma:</i> Kunoza imyandikire ukoresheje mudasobwa (XO laptop), Kunoza Ifata mashusho n'amajwi hifashishijwe mudasobwa</p>				
<p><i>Imfashanyigisho:</i> XO Laptop</p>				

Imbumbanyigisho: Ibidukikije				
Ubumenyi n'ikorabuhanga Riciriritse:umwaka wa gatatu.			Umutwe 4: Amazi	Umubare w'amasomo:4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora gutegura no kubika amazi yo kunywa				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura uburyo bwo gutegura amazi yo kunywa Gusobanura uburyo bwo kubika amazi yo kunywa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusukura neza uko bikwiye ibikoresho bijyamo amazi - Guteka/ gutegura amazi agomba kunyobwa - Gushyira umuti usukura amazi mu mazi -Kubika amazi atetse 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira akamenyerero ko kunywa amazi asukuye - Kugira akamenyerero ko kubika neza amazi yo kunywa 	<ul style="list-style-type: none"> Gutegura amazi yo kunywa - Guteka amazi - Kuyungurura amazi - Gukoresha imiti isukura amazi Kubika amazi yo kunywa - Kuyashyira mu bikoresho bisukuye (mu kuyabika cyangwa kuyanywa) - Kuyapfundikira -Kuyashyira ahantu hafutse 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusukura ibikoresho bijyamo amazi - Guteka amazi mu isafuriya - Gushyira umuti usukura amazi mu mazi - Kubika amazi atetse uko bikwiye
<i>Ihuriro n'andi masomo: Ibinyabuzima: udusimba duto, Imbonezamubano: isuku yo mu rugo n'iyi mu mudugudu</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: Gushobora gutegura no kubika amazi yo kunywa (bayatetse cyangwa bashyizemo umuti usukura amazi)</i>				
<i>Imfashanyigisho: Umuti wo gusukura amazi (urugero: Sur'eau), isafuriya, imbabura n'amakara, ijerekani, icupa, Ibikombe, akayunguruzo k'amazi, amazi, ikibiriti...</i>				

Imbumbanyigisho: Ibidukikije				
Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse:umwaka wa gatatu.			Umutwe 5: Ubutaka	Umubare w'amasomo:10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gutandukanya amoko y'ubutaka, amoko y'isuri n'uburyo bwo kuyirinda ubutaka				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora amoko y'ubutaka - Kurondora no gusobanura amoko y'isuri - Gusobanura uburyo butandukanye bwo kurwanya isuri 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukan ya amoko y'ubutaka - Gutandukan ya amoko y'isuri - Kurinda isuri ahakikije ishuri ryacu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza uruhare mu kurwanya isuri ahadukikije - Kwishimira uburyo butandukanye bwo kurwanya isuri ahadukikije 	<p>Amoko y'ubutaka:ibumba, urusenyi, imberabyombi</p> <p>Amoko y'isuri</p> <p>Ibitonyanga / umuyaga bivungura ubutaka ,</p> <p>Umuvu utwara ubutaka , Inkangu</p> <p>Uburyo bwo kurinda ubutaka isuri</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha isaso utwikira ubutaka • Gutera ibyatsi by'amatungo / ibiti bibana n'imyaka mu mirima ku murongo – setariya, tiribusakumu, urubingo, vetiveri, igikaranka (imburara), resena cyangwa kariyandara • Guca amaterasi y'indinganire • Gutera ibiti / amashyamba ku misozi • Gucukura imiringoti (imirwanyasuri) 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusura ahantu hatandukanye hagaragara neza amoko y'ubutaka - Gusura ahantu hatandukanye haboneka ibimenyetso by'isuri, - Kuganira mu matsinda hagamijwe gutandukanya amoko y'isuri (kwitegereza / gukorakora) - Gusura ahantu haboneka uburyo butandukanye bwo kurwanya isuri no kubuganiraho mu matsinda; - Umushinga: gukora mu mirima y'ishuri ibikorwa bikurikira: guca imiringoti irwanya isuri, gukoresha isaso utwikira ubutaka, gutera ibyatsi
<i>Ihuriro n'andi masomo: Ubuhinzi/ubutaka; imbenezamubano/ibidukikije</i>				
<i>Ibipimo by'isuzuma: Gutandukanya amoko y'isuri no gusobanura uburyo bwo kuyirinda</i>				
<i>Imfashanyigisho: amasuka, ibitiyo, ibyatsi byo gutera, ibyatsi by'isaso</i>				

Imbumbanyigisho: Ibidukikije				
Ubumenyi n’ Ikoranabuhanga Riciriritse:umwaka wa gatatu.			Umutwe 6: Inyamaswa	Umubare w’ amasomo:6
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Gutandukanya amoko y’inyamaswa ushingiyeye ku rutirigongo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by’umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
– Kurondora inyamaswa z’ahadukikije	– Gutandukanya inyamaswa zifite urutirigongo n’izitarufite	– Kugaragaza amatsiko yo gutandukanya inyamaswa z’ahadukikije hashingiye ku rutirigongo	Inyamaswa zifite urutirigongo – Inka, inkoko, umuserebanya, urukwavu, intama, ihene,imbwa, ingurube, igishuhe, agacurama, imbeba, ifi, inzoka, ifuku, igikeri, ... Inyamaswa zidafite urutirigongo – Isazi, ikinyugunyugu, uruyuki, umubu, urunyo, urushishi, umunyorogoto	– Gusura ahantu hororerwa inyamaswa hagambiriwe kumenya izifite urutirigongo zo mu karere ishuri ryubatsemo – Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe gutandukanya inyamaswa z’ahadukikije hifashihijwe ibishushanyo by’izo nyamaswa (ukurikije urutirigongo) – Gukora urutonde rw’inyamaswa zifite urutirigongo n’izidafite urutirigongo
Ihuriro n’andi masomo: Ibinyabuzima/ibinyangoro n’ibiburangoro				
Ibipimo by’isuzuma: Gutandukanya amoko y’inyamaswa ushingiyeye ku rutirigongo				
Imfashanyigisho: Inka, intama, ihene, urukwavu, imbwa, ingurube, igishuhe, agacurama, imbeba, inkoko, umuserebanya, ifi, inzoka, isazi, ikinyugunyugu, uruyuki, umubu, ifuku ... n’ibishushanyo, amashusho biriho inyamaswa zidahita ziboneka				

Imbumbanyigisho: Umubiri w'umuntu				
Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse : umwaka wa gatatu			Umutwe7: Imikaya n'amagufa	Umubare w'amasomo:8
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusobanura isano iri hagati y'ingingo, imikaya n'amagufa n'uko bifatwa neza				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwaby'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora amagufa y'ingenzi y'umubiri - Kurondora imikaya y'ingenzi y'umubiri - Gusobanura uburyo kwo gufata neza ingingo z'umubiri, imikaya n'amagufa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ingingo, imikaya n'amagufa by'umubiri w'umuntu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza amatsiko yo kumenya uburyo ingingo, imikaya n'amagufa byitabwaho 	<p>Ingingo, imikaya n'amagufa</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igisobanuro cy'ingingo z'umubiri w'umuntu - Amagufa y'umubiri w'umuntu: Amagufa y'umutwe, Amagufa y'igihimba, Amagufa y'amaguru n'amaboko - Imikaya y'umubiri w'umuntu: Imikaya y'umutwe, Imikaya y'igihimba, Imikaya y'amaguru n'amaboko - Isano iri hagati y'ingingo, imikaya n'amagufa - Gufata neza ingingo, imikaya n'amagufa Indyo iboneye, Imyitozo ngororangingo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwigetereza ibishushanyo no kuganira mu matsinda hagamijwe gutandukanya ingingo, imikaya n'amagufa y'umubiri w'umuntu - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura isano iri hagati y'ingingo imikaya n'amagufa - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura uburyo ingingo, imikaya n'amagufa byitabwaho - Gukina umukino ukurikira: Manzi/ Mukamanzi aravuze
Ihuriro n'andi masomo: Ibinyabuzima: umubiri w'umuntu				
Ibipimoby'isuzuma: Gusobanura isano iri hagati y'ingingo, imikaya n'amagufa n'uko bifatwa neza				
Imfashanyigisho: Ibishushanyo by'imikaya n'amagufa by'umubiri w'umuntu				

Imbumbanyigisho: Ingufu				
Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse : umwaka wa gatatu.			Umutwe 8: Amoko y'ingufu	Umubare w'amasomo:10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusobanura amoko atandukanye y'ingufu				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwaby'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura icyo ingufu ari cyo - Kurondora amoko atandukanye y'ingufu - Kurondora akamaro k'ingufu n'aho zikoreshwa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ingufu dukoresha mu buzima bwa buri muni 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaraza amatsiko yo kumenya akamaro k'ingufu zitandukanye - Kwishimira ikoreshwa ry'ingufu mu bintu binyuranye 	<p>Igisobanuro cy'ingufu ubushobozi bwo gukora umurimo Amoko y'ingufu n'ingeri z'aho zikoreshwa</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ubushyuhe: guteka, kumisha ibyatsi, gutera ipasi, - Ijwi: iyo indangururamajwi iri kuvuga, iratigita - Amashanyarazi: gucana itara, kuvuza radiyo, gucana terevizio. - Urumuri rukomoka ku zuba: akamashini kabara gakoresha imirasire y'izuba, amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba. - Umuyaga: kumisha imyenda yanitse, gutanga amashanyarazi. - Rukuruzi: gukurura ibyuma bikoze mu butare - Imiyego y'ibintu: guterura umufuka wa sima, gusunika ingorofani, kunyonga igare, guterura isuka uHINGA. <p>Ubumara / ubutabire: gutwika urupapuro,</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amagerageza atandukanye n'ibiganiro hagamijwe kugaragaza akamaro k'ingufu zitandukanye: - Gutwika urupapuro rugahinduka ivu, - Kuvuza cyane indangururamajwi, abanyeshuri bakayikoraho bumva uko itigita, - Guterura ikintu kiremereye, - Guhuha impapuro ziri ku meza, - Kwanika amababi mabisi ku zuba ku mabati, gucana isitimu, - Gukurura ibyuma bikoze mu rutare hakoreshejwe rukuruzi - Gukina umukino ukurikira: Gusunika umupira hagati y'abanyeshuri

			kuvura kw'amata, umutobe uhinduka urwagwa.	
Ihuriro n'andi masomo: <i>Ubugenge/ ingufu</i>				
Ibipimo by'isuzuma: <i>Kurondora amoko y'ingufu zitandukanye n'ingeri z'aho zikoreshwa</i>				
Imfashanyigisho: <i>Indangururamajwi nini, ikintu kiremereye cyo guterura, impapuro, amababi mabisi, isitimu, ibyuma bikoze mu rutare, rukuruzi, ikibiriti.</i>				

Imbumbanyigisho: Ingufu				
Ubumenyi n'ikorabuhanga Riciriritse : umwaka wa gatatu.			Umutwe 9: Amashanyarazi	Umubare w'amasomo: 5
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora kuvumbura ibikoresho bikoresha amashanyarazi n'umumaro wayo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura inyito y'amashanyarazi - Kurondora akamaro k'amashanyarazi - Kurondora ibikoresho byo mu rugo no ku ishuri bikoresha amashanyarazi - Kurondora ibyago bikomoka ku mashanyarazi - Gusobanura uko wakwirinda ibyago bikomoka ku mashanyarazi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha neza ibikoresho bitandukanye bikoresha amashanyarazi - Kwirinda ibyago bikomoka ku mashanyarazi 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwishimira akamaro k'ibikoresho bikoresha amashanyarazi - Kwitondera imikoreshere ze y'amashanyarazi 	<ul style="list-style-type: none"> - Igisobanuro cy'amashanyarazi - Akamaro k'amashanyarazi - Kumurika, guteka, gukoresha imashini zinyuranye - Ibikoresho bikoresha amashanyarazi - Ibyago bikomoka ku mashanyarazi - Uburyo bwo kwirinda ibyago bikomoka ku mashanyarazi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura umumaro n'ibikoresho by'amashanyarazi - Gucomeka no gucana ibikoresho bitandukanye bikoresha amashanyarazi - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura ibyago bikomoka ku mashanyarazi n'uburyo bwo kubyirinda
Ihuriro n'andi masomo: Ubugenge/ ingufu				
Ibipimo by'isuzuma: Gucomeka no gucana neza ibikoresho bitandukanye bikoresha amashanyarazi				
Imfashanyigisho: Ibikoresho bikoresha amashanyarazi: Mudasobwa, terefone, ipasi, firigo, itoroshi, iziko rikoresha amashanyarazi, icyuma gishyushya mu nzu, tereviziyo, radiyo.				

Imbumbanyigisho: Ingufu				
Ubumenyi n'ikoranabuhanga Riciriritse : umwaka wa gatatu.			Umutwe 10 : Rukuruzi	Umubare w'amasomo: 6
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kuvumbura ingufu n'ibiranga rukuruzi ; gutandukanya ibikururwa n'ibidakururwa na rukuruzi				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga ubusobanuro bw'inyito rukuruzi - Gusobanura ibiranga ingufu za rukuruzi - Kurondora ibikoresho bikururwa n'ibidakururwa n'ingufu za rukuruzi - Gusobanura ingaruka mbi z'ingufu za rukuruzi - Kurondora ibikoresho bikorana nka rukuruzi 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza ingufu za rukuruzi - Gutandukanya ibikoresho bikururwa n'ibidakururwa na rukuruzi - Kwirinda ibibi by'ingufu za rukuruzi 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitwararika imikoreshereze ya rukuruzi 	<p>Igisobanuro cya rukuruzi Igikoresho gifite ubushobozi bwo gukurura ubutare cyangwa ibindi bikoresho bikoze mu butare. Ingufu za rukuruzi n'ibiziranga Rukuruzi zirakururana cyangwa zigasunikana hagati yazo, ingufu za rukuruzi zambukiranya ibindi bikoresho (urupapuro, ikirahure, urubaho, purasitike)</p> <p>Ibikoresho bikururwa na rukuruzi: ibyuma bikoze mu butare. Ibikoresho bidakururwa na rukuruzi: Ibikoresho bidakoze/bidafite ubutare Ibibi by'ingufu za rukuruzi</p> <p>Kwangiza ibikoresho: Amakarita ya banki cyangwa indangamuntu, za kasete za radiyo cyangwa za videwo, mudasobwa n'ibyuma bikorana nazo (CD, diskete, flash disk,) Ibikoresho bikorana nka rukuruzi</p> <ul style="list-style-type: none"> - Indangururamajwi zitandukanye (speakers) - Utwuma dufungura amavisi (screwdrivers). 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwegereza za rukuruzi (sumako) ibikoresho bitandukanye (ibikoze mu giti, ibikoze muri purasitike, ibikoze mu birahure, ibikoze mu mabuye n'ibikoze mu cyuma) hagamijwe kuvumbura ibikoresho bikururwa n'ibidakururwa n'ingufu za rukuruzi - Gushyira urupapuro, ikirahure, urubaho cyangwa purasitike hagati ya sumako n'ibindi bikoresho bikururwa na yo - Kwegeranya za rukuruzi (sumako) ebyiri cyangwa eshatu hagamijwe kuvumbura imyitwarire yazo iyo zegeyeranye - Gukora ibiganiro mu matsinda hagamijwe kuvumbura ingaruka za rukuruzi ku bikoresho

				bimwe na bimwe.
Ihuriro n'andi masomo: <i>Ubugenge/ ingufu</i>				
Ibipimo by'isuzuma: <i>Kuvumbura ingufu za rukuruzi, ibiziranga no kuvumbura ibikururwa n'ibidakururwa na zo</i>				
Imfashanyigisho: <i>Rukuruzi (sumako), ibikoresho bitandukanye (ibikoze mu giti, ibikoze muri purasitike, ibikoze mu birahure, ibikoze mu mabuye n'ibikoze mu cyuma), utwuma dufungura amavisi, urupapuro, ikirahure, urubaho, purasitike, igiceri cya 100, urugi rukoze mu cyuma, icyuma cy'ingunguru, utwuma dufata impapuro, amakarita ya banki cyangwa indangamuntu, indangururamajwi nini, kasete za radiyo cyangwa za videwo, CD, diskete, flash disk.</i>				

6. IBITABO BYIFASHISHIJE

- Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Integanyanyigisho, Integanyanyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga mu mashuri abanza,1997
- National curriculum Development centre, Elementary science and technology, primary 4,Kigali,2007
- National curriculum Development centre, Teacher's guide to Uganda primary schools Integrated science syllabus , 2000
- Oxford university press, Elementary science and technology, students book 4, 5 and 6,2010
- Rwanda Education Board, Science and elementary technology curriculum for upper primary ,2010
- WANDERA Alice et all., Elementary science and technology, students book 4, 2010

7. UMUGEREKA

Imbonerahamwe y' inyigisho zo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza

Inyigisho	Uburemere (%)	Umubare w'amasomo (isomo = iminota 40)		
		P ₁	P ₂	P ₃
1. Ikinyarwanda	27	8	8	8
2. icyongereza	23	7	7	7
3. Imibare	20	6	6	6
4. Ubumenyi mbonezamubano n'ubumenyi bw'iyobokamana	13	4	4	4
5. Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse	7	2	2	2
6. Ubuhanzi n'ubugeni	7	2	2	2
7. Ingororangingo na sporo	3	1	1	1
Umubare w'amasomo mu cyumweru	100	30	30	30
Umubare w'amasaha mu cyumweru		20	20	20
Umubare w'amasaha mu mu mwaka (ibyumweru 39)		780		